# *Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.*

***Amategeko/Laws/Lois***

**N° 20/2018 ryo ku wa 29/04/2018**
Itegeko rigena amabwiriza mu by'indege za gisivili…………………………………………...2
**N° 20/2018 of 29/04/2018**
Law establishing regulations governing civil aviation……………………………………....2
**N° 20/2018 du 29/04/2018**
Loi portant règlementation de l'aviation civile………………………………………………...2

**N° 21/2018 ryo ku wa 29/04/2018**
Itegeko rihindura Itegeko n°42/2011 ryo ku wa 31/10/2011 ryerekeye umutekano w'iby'indege za gisivili………………………………………………………………………………...90
**N° 21/2018 of 29/04/2018**
Law modifying Law n° 42/2011 of 31/10/2011 relating to civil aviation security…………….90
**N° 21/2018 du 29/04/2018**
Loi modifiant la Loi nº42/2011 du 31/10/2011 relative à la sureté de l'aviation civile……….90

**ITEGEKO N°20/2018 RYO KU WA 29/04/2018 RIGENA AMABWIRIZA MU BY'INDEGE ZA GISIVILI**

**LAW N°20/2018 OF 29/04/2018 ESTABLISHING REGULATIONS GOVERNING CIVIL AVIATION**

**LOI N°20/2018 DU 29/04/2018 PORTANT RÈGLEMENTATION DE L'AVIATION CIVILE**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko**

**Ingingo ya 4: Ubusugire bw'ikirere cy'u Rwanda**

**Ingingo ya 5: Gukumira indege ya gisivili iri mu kirere**

**Ingingo ya 6: Ubufasha buhabwa indege ya gisivili yakumiriwe**

**Ingingo ya 7: Indege iri mu kaga**

**Ingingo ya 8: Kubahiriza amategeko n'amabwiriza y'ikirere**

**Ingingo ya 9: Uburyo bworoshya ingendo zo mu kirere n'ibipimo ngenderwaho**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions**

**Article 3: Scope of this Law**

**Article 4: Sovereignty over the airspace of Rwanda**

**Article 5: Interception of civil aircraft**

**Article 6: Assistance given to an intercepted civil aircraft**

**Article 7: Aircraft in distress**

**Article 8: Compliance with the rules and regulations of the air**

**Article 9: Air navigation facilities and standard systems**

**TABLE DES MATIÈRES**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions**

**Article 3: Champ d'application de la présente loi**

**Article 4: Souveraineté sur l'espace aérien du Rwanda**

**Article 5: Interception d'un aéronef civil**

**Article 6: Assistance donnée à l'aéronef civil intercepté**

**Article 7: Aéronef en détresse**

**Article 8: Respect des règles et règlements de l'air**

**Article 9: Installations de navigation aérienne et systèmes normalisés**

**UMUTWE WA II: UBUBASHA RUSANGE BWO GUSHYIRAHO AMABWIRIZA**

**Ingingo ya 10: Amabwiriza y'iby'indege ashyirwaho na Minisitiri**

**Ingingo ya 11: Ububasha bwo kubungabunga umutekano w'iby'indege za gisivili**

**Ingingo ya 12: Gutanga ububasha**

**Ingingo ya 13: Ubusonerwe**

**Ingingo ya 14: Uburenganzira bwo kwinjira ahantu hose ku mpamvu z'ubugenzuzi**

**Ingingo ya 15: Kwinjira mu ndege yo mu mahanga**

**Ingingo ya 16: Kubuza indege guhaguruka**

**Ingingo ya 17: Gusaka no kujya ahashobora kuboneka ibimenyetso**

**UMUTWE WA III: KWANDIKISHA INDEGE N'ICYEMEZO CY'IYANDIKISHA**

**Ingingo ya 18: Inshingano yo kwandikisha indege**

**Ingingo ya 19: Ubwenegihugu nyarwanda bw'indege n'ikirango cy'iyandikwa**

**Ingingo ya 20: Kwemererwa kwandikwa kw'indege**

**CHAPTER II: GENERAL REGULATORY POWERS**

**Article 10: Civil aviation regulations established by the Minister**

**Article 11: Powers to maintain civil aviation safety**

**Article 12: Delegation of powers**

**Article 13: Exemption**

**Article 14: Right of access for inspection**

**Article 15: Access to a foreign aircraft**

**Article 16: Prevention of flight**

**Article 17: Search and entry to a place where evidence may be found**

**CHAPTER III: AIRCRAFT REGISTRATION AND REGISTRATION CERTIFICATE**

**Article 18: Obligation to register an aircraft**

**Article 19: Rwandan aircraft nationality and registration marks**

**Article 20: Eligibility for aircraft registration**

**CHAPITRE II: POUVOIRS RÈGLEMENTAIRES GÉNÉRAUX**

**Article 10: Règlements de l'aviation civile établis par le Ministre**

**Article 11: Pouvoirs de maintenir la sécurité de l'aviation civile**

**Article 12: Délégation des pouvoirs**

**Article 13: Dispense**

**Article 14: Droit d'accès pour l'inspection**

**Article 15: Accès à un aéronef étranger**

**Article 16: Interdiction de vol**

**Article 17: Fouille et entrée dans un lieu où des preuves peuvent être trouvées**

**CHAPITRE III: IMMATRICULATION D'AÉRONEFS ET CERTIFICAT D'IMMATRICULATION**

**Article 18: Obligation de faire immatriculer un aéronef**

**Article 19: Nationalité rwandaise de l'aéronef et marque d'immatriculation**

**Article 20: Admissibilité à l'immatriculation d'un aéronef**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 21: Kwandika indege** | **Article 21: Registration of an aircraft** | **Article 21: Immatriculation d'un aéronef** |
| **Ingingo ya 22: Iyandikishwa ry'inyungu ku ndege** | **Article 22: Registration of interests in aircraft** | **Article 22: Enregistrement des droits sur un aéronef** |
| **UMUTWE WA IV: IMPUSHYA N'IBYEMEZO BYO GUKORA IMIRIMO IJYANYE N'IBY'INDEGE ZA GISIVILI** | **CHAPTER IV: LICENSES AND CERTIFICATES RELATING TO CIVIL AVIATION** | **CHAPITRE IV: LICENCES ET CERTIFICATS EN MATIÈRE D'AVIATION CIVILE** |
| **Ingingo ya 23: Ibyo umukozi wo mu ndege agomba kuba yujuje** | **Article 23: Requirements for being an aircraft crew member** | **Article 23: Conditions requises pour être un membre d'équipage d'un aéronef** |
| **Ingingo ya 24: Itangwa ry'uruhushya ku mukozi ukora mu by'indege za gisivili** | **Article 24: Civil aviation personnel licensing** | **Article 24: Délivrance de licence au personnel de l'aviation civile** |
| **Ingingo ya 25: Ibiranga uruhushya rw'umukozi ukora mu by'indege za gisivili** | **Article 25: Contents of the licence of civil aviation personnel** | **Article 25: Contenu de la licence du personnel de l'aviation civile** |
| **Ingingo ya 26: Itangwa ry'icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere** | **Article 26: Issuance of an air operator certificate** | **Article 26: Octroi d'un permis d'exploitation aérienne** |
| **Ingingo ya 27: Itangwa ry'icyemezo kuri serivisi zo mu kirere** | **Article 27: Certification of air navigation services** | **Article 27: Certification des services de navigation aérienne** |
| **Ingingo ya 28: Icyemezo gihabwa indege yujuje ibisabwa ku rwego tekiniki** | **Article 28: Airworthiness certificate** | **Article 28: Certificat de navigabilité** |
| **Ingingo ya 29: Kwemeza ikoreshwa ry'ikibuga cy'indege mpuzamahanga n'ibibuga byagenewe ubwikorezi bwo mu kirere imbere mu gihugu** | **Article 29: Certification of international aerodromes and licensing of domestic aerodromes** | **Article 29: Certification d'un aérodrome international et licence des aérodromes nationaux** |
| **Ingingo ya 30: Isuzuma n'itangwa ry'ibyemezo ku miryango itanga inyigisho n'amahugurwa n'iyita ku buzima bw'indege za gisivili** | **Article 30: Evaluation and issue of certificates to civil aviation training and maintenance organisations** | **Article 30: Évaluation et délivrance des certificats aux organisations de formation et de maintenance dans le domaine de l'aviation civile** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 31: Inyandiko zuzuzwa n'usaba uruhushya cyangwa icyemezo** | **Article 31: Application forms for license or certificate** | **Article 31: Formulaires de demande de licence ou certificat** |
| **Ingingo ya 32: Guhindura, guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu uruhushya cyangwa icyemezo** | **Article 32: Modification, suspension or revocation of a license or a certificate** | **Article 32: Modification, suspension ou révocation d'une licence ou d'un certificat** |
| **Ingingo ya 33: Komite y'Ubujurire** | **Article 33: Appeal Committee** | **Article 33: Comité de recours** |
| **Ingingo ya 34: Iyubahirizwa ry'ibikubiye mu ruhushya** | **Article 34: Compliance with the terms of a licence** | **Article 34: Conformité aux termes d'une licence** |
| **Ingingo ya 35: Ibibujijwe** | **Article 35: Prohibitions** | **Article 35: Interdictions** |
| **Ingingo ya 36: Guha agaciro uruhushya cyangwa icyemezo byatanzwe n'ikindi gihugu** | **Article 36: Validation of a license or a certificate issued by another country** | **Article 36: Validation d'une licence ou certificat délivré par un autre pays** |
| **UMUTWE WA V: UMUTEKANO W'IBY'INDEGE ZA GISIVILI** | **CHAPTER V: CIVIL AVIATION SAFETY** | **CHAPITRE V: SÉCURITÉ DE L'AVIATION CIVILE** |
| **Ingingo ya 37: Ishyirwaho rya Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege** | **Article 37: Establishment of the National Aviation Safety Programme** | **Article 37: Mise en place d'un Programme national de sécurité de l'aviation** |
| **Ingingo ya 38: Ibikubiye muri Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege** | **Article 38: Components of the National Aviation Safety Programme** | **Article 38: Éléments du Programme national de sécurité de l'aviation** |
| **Ingingo ya 39: Ububasha mu bijyanye na Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege** | **Article 39: Powers in matters related to the National Aviation Safety Programme** | **Article 39: Pouvoirs en matière de Programme national de sécurité de l'aviation** |
| **Ingingo ya 40: Abashinzwe gushyiraho uburyo bwo gucunga umutekano** | **Article 40: Persons responsible for establishing safety management system** | **Article 40: Personnes responsables de la mise en place du système de gestion de la sécurité** |
| **Ingingo ya 41: Imikorere y'indege zo mu mahanga** | **Article 41: Foreign aircraft operations** | **Article 41: Exploitation des aéronefs étrangers** |
| **Ingingo ya 42: Ingendo zo mu kirere zidahoraho** | **Article 42: Non-scheduled flights** | **Article 42: Vols non-réguliers** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 43: Ingendo mpuzamahanga zo mu kirere zihoraho** | **Article 43: Scheduled international air services** | **Article 43: Services aériens internationaux réguliers** |
| **Ingingo ya 44: Kwita ku buzima bw'indege** | **Article 44: Maintenance of an aircraft** | **Article 44: Entretien d'un aéronef** |
| **Ingingo ya 45: Kohereza cyangwa kwakira umuzigo** | **Article 45: Sending or receiving luggage** | **Article 45: Envoi ou réception de bagage** |
| **Ingingo ya 46: Imikoreshereze y'indege, ibibuga by'indege n'ikirere cy'u Rwanda mu bihe by'amage cyangwa mu bihe by'imidugararo** | **Article 46: Use of aircraft, aerodromes and Rwanda airspace during the state of siege or state of emergency** | **Article 46: Utilisation d'aéronefs, aérodromes et espace aérien du Rwanda pendant l'état de siège ou état d'urgence** |
| **Ingingo ya 47: Inshingano z'uwemerewe gukoresha indege** | **Article 47: Obligations of an operator** | **Article 47: Obligations d'un exploitant** |
| **Ingingo ya 48: Inshingano z'umuntu ufite icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere** | **Article 48: Obligations of a person holding an air operator certificate** | **Article 48: Obligations d'une personne titulaire d'un permis d'exploitation aérienne** |
| **Ingingo ya 49: Inshingano z'umuntu ufite icyemezo cy'abatwara indege mu kirere** | **Article 49: Obligations of a person holding an airman certificate** | **Article 49: Obligations d'une personne titulaire d'un certificat d'aviateur** |
| **Ingingo ya 50: Inshingano z'ukora ibijyanye n'iby'indege za gisivili** | **Article 50: Obligations of a person performing duties in civil aviation** | **Article 50: Obligations d'une personne exerçant des fonctions dans l'aviation civile** |
| **Ingingo ya 51: Ubwikorezi bw'ibicuruzwa byangiza mu ndege** | **Article 51: Transportation of dangerous goods by air** | **Article 51: Transport aérien de marchandises dangereuses par aéronef** |
| **Ingingo ya 52: Inshingano za nyir'indege cyangwa ukoresha indege yanditswe mu Rwanda** | **Article 52: Obligations of the owner or operator of an aircraft registered in Rwanda** | **Article 52: Obligations du propriétaire ou de l'exploitant de l'aéronef immatriculé au Rwanda** |
| **Ingingo ya 53: Inshingano z'ukorerwa igenzura** | **Article 53: Obligation of the person under inspection** | **Article 53: Obligation de la personne sous l'inspection** |

| | | |
|---|---|---|
| **UMUTWE WA VI: IPEREREZA KU MPANUKA Z'INDEGE** | **CHAPTER VI: AIRCRAFT ACCIDENTS AND INCIDENTS INVESTIGATION** | **CHAPITRE VI: ENQUÊTE SUR ACCIDENTS ET INCIDENTS D'AERONEFS** |
| **Ingingo ya 54: Ububasha bwo gukora iperereza ku mpanuka z'indege** | **Article 54: Powers to conduct aircraft accidents and incidents investigation** | **Article 54: Pouvoirs de mener une enquête sur les accidents et incidents d'aéronefs** |
| **Ingingo ya 55: Intego y'iperereza ku mpanuka y'indege** | **Article 55: Objective of the investigation of an aircraft accident or incident** | **Article 55: Objectif de l'enquête sur un accident ou incident d'aéronef** |
| **Ingingo ya 56: Kumenyekanisha bitegetswe impanuka y'indege** | **Article 56: Mandatory reporting of an aircraft accident or incident** | **Article 56: Déclaration obligatoire d'un accident ou d'un incident d'aéronef** |
| **Ingingo ya 57: Uburyo bwo gutanga amakuru ku bushake ku mpanuka y'indege** | **Article 57: Voluntary reporting system on aircraft accident or incident** | **Article 57: Système de déclaration volontaire sur un accident ou incident d'aéronef** |
| **Ingingo ya 58: Kubika no kubungabunga ibimenyetso bijyanye n'impanuka y'indege** | **Article 58: Keeping and preservation of evidences relating to aircraft accident or incident** | **Article 58: Conservation et préservation des preuves relatives à un accident ou un incident d'un aéronef** |
| **Ingingo ya 59: Gukora iperereza ku mpanuka y'indege** | **Article 59: Conducting investigations on aircraft accident or incident** | **Article 59: Mener l'enquête sur un accident ou un incident d'aéronef** |
| **Ingingo ya 60: Uburenganzira n'inshingano by'abakora iperereza ku mpanuka y'indege** | **Article 60: Rights and obligations of investigators on aircraft accidents or incidents** | **Article 60: Droits et obligations des enquêteurs d'accidents ou incidents d'aéronef** |
| **Ingingo ya 61: Amajwi yafashwe igihe indege iguruka** | **Article 61: On-board recordings** | **Article 61: Enregistrements de bord** |
| **Ingingo ya 62: Kubuza abantu kugera ahabereye impanuka y'indege** | **Article 62: Limitation of access** | **Article 62: Limitation d'accès** |
| **Ingingo ya 63: Ububasha bwo kwinjira, gufatira no kugumana ibimenyetso** | **Article 63 Powers to enter, seize and retain evidence** | **Article 63: Pouvoirs d'entrée, de saisie et de rétention des preuves** |

**Ingingo ya 64: Ububasha bwo guhabwa amakuru**

**Ingingo ya 65: Ubuhamya bw'uwakoze iperereza ku mpanuka y'indege**

**Ingingo ya 66: Kwerekana ibimuranga**

**Ingingo ya 67: Uburenganzira bwo kugerageza ibikoresho byafatiriwe**

**Ingingo ya 68: Gusubiza ibyafatiriwe**

**Ingingo ya 69: Amasezerano y'ubufatanye**

**Ingingo ya 70: Uruhare rw'ibindi bihugu mu iperereza ku mpanuka z'indege rikorwa n'u Rwanda**

**Ingingo ya 71: Guhagararirwa k'u Rwanda mu iperereza ku mpanuka y'indege rikozwe n'ibindi bihugu**

**Ingingo ya 72: Guha amakuru igihugu gikora iperereza ku mpanuka y'indege**

**Ingingo ya 73: Korohereza ikorwa ry'iperereza ku mpanuka y'indege**

**Ingingo ya 74: Kohereza ibice by'indege mu kindi gihugu**

**Ingingo ya 75: Isenywa ry'indege yose yangiritse cyangwa ibice byayo byangiritse**

**Article 64: Power of access to information**

**Article 65: Testimony of investigators on aircraft accidents or incidents**

**Article 66: Presentation of credentials**

**Article 67: Power to test seized property**

**Article 68: Return of seized property**

**Article 69: Memorandum of understanding**

**Article 70: Participation of other States in aircraft accident investigation conducted by Rwanda**

**Article 71: Representation of Rwanda in aircraft accident investigations conducted by other States**

**Article 72: Provision of information to an investigating State**

**Article 73: Facilitation of aircraft accident investigation**

**Article 74: Sending parts of an aircraft to another State**

**Article 75: Destruction of damaged aircraft or parts thereof**

**Article 64: Pouvoir d'accéder aux informations**

**Article 65: Témoignage des enquêteurs d'accidents ou incidents d'aéronef**

**Article 66: Présentation du titre d'identité**

**Article 67: Pouvoir d'essayer les objets saisis**

**Article 68: Restitution des biens saisis**

**Article 69: Protocole d'entente**

**Article 70: Participation d'autres États dans l'enquête sur un accident d'aéronefs effectuée par le Rwanda**

**Article 71: Représentation du Rwanda dans des enquêtes sur les accidents d'aéronefs menées par les autres États**

**Article 72: Fournir les informations à l'État menant une enquête**

**Article 73: Facilitation dans la conduite d'une enquête sur un accident d'aéronef**

**Article 74: Envoi des parties d'aéronef à un autre État**

**Article 75: Destruction d'un aéronef endommagé ou de ses parties**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 76: Kumenyesha ibyagaragajwe n'igenzura n'imyanzuro yafashwe** | **Article 76: Notification of findings and recommendations** | **Article 76: Notification des conclusions et recommandations** |
| **Ingingo ya 77: Umushinga wa raporo** | **Article 77: Draft report** | **Article 77: Projet de rapport** |
| **Ingingo ya 78: Isuzumwa ry'ibitekerezo byatanzwe ku mushinga wa raporo** | **Article 78: Consideration of opinion on the draft report** | **Article 78: Examen des observations sur un projet de rapport** |
| **Ingingo ya 79: Gutanga raporo y'agateganyo** | **Article 79: Providing interim report** | **Article 79: Présentation du rapport provisoire** |
| **Ingingo ya 80: Ububasha bwo kongera gusuzuma ibyavuye mu iperereza n'imyanzuro yafashwe** | **Article 80: Power to reconsider findings and recommendations of investigations** | **Article 80: Pouvoir de réexaminer les conclusions et les recommandations de l'enquête** |
| **Ingingo ya 81: Gushyingura no kubungabunga inyandiko zijyanye n'iperereza** | **Article 81: Keeping and preserving records relating to investigation** | **Article 81: Tenue et conservation des dossiers relatifs à l'enquête** |
| **Ingingo ya 82: Gukumira izindi mpanuka z'indege zisa n'iyabaye** | **Article 82: Prevention of similar aircraft accidents** | **Article 82: Prévention d'accidents d'aéronef similaires** |
| **UMUTWE WA VII: GUSHAKISHA NO GUTABARA MU BY'INDEGE** | **CHAPTER VII: AIRCRAFT SEARCH AND RESCUE** | **CHAPITRE VII: RECHERCHE ET SAUVETAGE AERONAUTIQUES** |
| **Ingingo ya 83: Ishyirwaho rya Komite Mpuzabikorwa y'Igihugu ishinzwe Gushakisha no Gutabara** | **Article 83: Establishment of a National Search and Rescue Coordination Committee** | **Article 83: Création d'un Comité National de Coordination de Recherche et de Sauvetage** |
| **Ingingo ya 84: Intego za serivisi zo gushakisha no gutabara** | **Article 84: Objectives of search and rescue services** | **Article 84: Objectifs de services de recherche et de sauvetage** |
| **Ingingo ya 85: Imbago z'igice gikorerwamo ishakisha n'ubutabazi** | **Article 85: Delineation of search and rescue region** | **Article 85: Délimitation de la région de recherche et de sauvetage** |
| **Ingingo ya 86: Guhuza ibikorwa byo gushakisha no gutabara** | **Article 86: Coordination of search and rescue operations** | **Article 86: Coordination des opérations de recherche et de sauvetage** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 87: Ihuriro Mpuzabikorwa ry'Ubutabazi** | **Article 87: Rescue Coordination Centre** | **Article 87: Centre de Coordination de Sauvetage** |
| **Ingingo ya 88: Gahunda y'ibikorwa** | **Article 88: Plans of operations** | **Article 88: Plans des opérations** |
| **Ingingo ya 89: Amasezerano y'ubufatanye n'ibihugu by'ibituranyi** | **Article 89: Cooperation agreements with neighboring States** | **Article 89: Accords de coopération avec les États voisins** |
| **Ingingo ya 90: Iyinjira mu Rwanda ry'abakozi bo mu ishami rishinzwe gushakisha no gutabara b'ikindi gihugu** | **Article 90: Entry of another State' search and rescue unit into Rwanda** | **Article 90: Entrée au Rwanda d'une unité de recherche et de sauvetage d'un autre État** |
| **Ingingo ya 91: Ibikenerwa mu gushakisha no gutabara** | **Article 91: Search and rescue resources** | **Article 91: Ressources de recherche et de sauvetage** |
| **UMUTWE WA VIII: IBYAHA N'IBIHANO** | **CHAPTER VIII: OFFENCES AND PENALITIES** | **CHAPITRE VIII: INFRACTIONS ET PEINES** |
| **Ingingo ya 92: Kutubahiriza impushya cyangwa ibyemezo bitangwa n'Ikigo** | **Article 92: Non-compliance with licenses and certificates issued by the Authority** | **Article 92: Violations des permis et certificats délivrés par l'Office** |
| **Ingingo ya 93: Kubangamira imikoreshereze y'ikirere** | **Article 93: Interference with air navigation** | **Article 93: Interférence avec la navigation aérienne** |
| **Ingingo ya 94: Kudatanga amakuru cyangwa kutayatanga ku gihe** | **Article 94: Delay to disclose information** | **Article 94: Retard de donner une information** |
| **Ingingo ya 95: Gutanga amakuru atari yo** | **Article 95: Communication of false information** | **Article 95: Communication des fausses informations** |
| **Ingingo ya 96: Gukuraho ibice by'indege yagize impanuka** | **Article 96: Removal of parts of aircraft involved in an accident** | **Article 96: Enlèvement de parties d'aéronef impliqué dans un accident** |
| **Ingingo ya 97: Kwirengagiza gutanga ubufashaku ndege iri mu kaga** | **Article 97: Failure to assist an aircraft in distress** | **Article 97: Non-assistance à un aéronef en détresse** |

**Ingingo ya 98: Gutwara ibicuruzwa byangiza mu ndege**

**Ingingo ya 99: Gukoresha indege itarimo umupilote nta ruhushya**

**Ingingo ya 100: Gukoresha indege itarimo umupilote ahantu habujijwe cyangwa ntavogerwa**

**Ingingo ya 101: Gukoresha indege itarimo umupilote mu gufata amafoto y'ahantu habujijwe cyangwa ay'umuntu nta ruhushya**

**Ingingo ya 102: Kutamenyekanisha indege itarimo umupilote igejejwe ku kibuga cy'indege cyangwa ku mupaka**

**Ingingo ya 103: Kutamenyekanisha gukora, guteranya cyangwa kugerageza indege itarimo umupilote**

**Ingingo ya 104: Gutunga indege itarimo umupilote itanditse**

**Ingingo ya 105: Kutagaragaza ikirango cy'iyandikisha ry'indege itarimo umupilote**

**Ingingo ya 106: Imenyekanisha ririmo ikinyoma mu iyandikisha no kubona uruhushya cyangwa icyemezo cy'indege itarimo umupilote**

**Ingingo ya 107: Kubangamira ingendo z'indege itarimo umupilote**

**Article 98: Transportation of dangerous goods in an aircraft**

**Article 99: Operating unmanned aircraft without authorization**

**Article 100: Operating unmanned aircraft in prohibited or restricted areas**

**Article 101: Using an unmanned for taking photographs on a prohibited area or an individual without a permit**

**Article 102: Failure to declare unmanned aircraft on arrival at the airport or at the border**

**Article 103: Failure to notify on manufacturing, assembling or testing of civil unmanned aircraft**

**Article 104: Owning an unregistered unmanned aircraft**

**Article 105: Failure to display unmanned aircraft registration mark**

**Article 106: False declaration for registration process and obtaining permit or certificate for unmanned aircraft**

**Article 107: Unlawful interference of unmanned aircraft operations**

**Article 98: Transport des marchandises dangereuses dans un aéronef**

**Article 99: Exploitation d'un aéronef sans pilote sans autorisation**

**Article 100: Exploitation d'un aéronef sans pilote dans des zones interdites ou restreintes**

**Article 101: Utilisation d'un aéronef sans pilote pour la prise des photos d'une zone interdite ou d'une personne sans autorisation**

**Article 102: Omission de déclarer un aéronef sans pilote à son arrivée à l'aéroport ou à la frontière**

**Article 103: Omission de notifier la fabrication, l'assemblage ou l'essai d'un aéronef civil sans pilote**

**Article 104: Posséder un aéronef sans pilote non enregistré**

**Article 105: Défaut d'affichage de la marque d'enregistrement d'un aéronef sans pilote**

**Article 106: Fausse déclaration pour le processus d'enregistrement et obtention du permis ou de certificat d'un aéronef sans pilote**

**Article 107: Ingérence illégale dans les opérations d'un aéronef sans pilote**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 108: Gushyira intwaro yica cyangwa ibindi bintu bifite ubumara ku ndege itarimo umupilote** | **Article 108: Mounting a lethal weapon or a toxic substance on an unmanned aircraft** | **Article 108: Monter une arme létale ou une substance toxique sur un aéronef sans pilote** |
| **Ingingo ya 109: Gutuma ikindi kigo gishinzwe iby'indege gikora icyaha** | **Article 109: Causing another civil aviation authority to commit an offence** | **Article 109: Entraîner un autre office d'aviation civile à commettre une infraction** |
| **Ingingo ya 110: Ibyaha bikozwe n'isosiyete y'ubucuruzi, umuryango, ikigo, ishyirahamwe cyangwa urugaga rw'amashyirahamwe bifite ubuzimagatozi** | **Article 110: Offence by a company, an organization, an institution, an association or a group of associations with legal personality** | **Article 110: Infraction par une société commerciale, une organisation, un établissement, une association ou un collectif d'associations dotées de la personnalité juridique** |
| **Ingingo ya 111: Kutubahiriza amabwiriza atangwa n'Ikigo** | **Article 111: Failure to comply with regulations issued by the Authority** | **Article 111: Défaut de se conformer aux règlements établis par l'Office** |
| **UMUTWE WA IX: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA** | **CHAPTER IX: MISCELLENIOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS** | **CHAPITRE IX: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES** |
| **Ingingo ya 112: Ububasha bwo kwaka amafaranga kuri serivisi zitanzwe** | **Article 112: Power to require fees for services provided** | **Article 112: Pouvoir d'exiger des frais pour les services prestés** |
| **Ingingo ya 113: Amabwiriza n'ibikorwa byari biriho** | **Article 113: Existing regulations and activities** | **Article 113: Règlements et activités existants** |
| **Ingingo ya 114: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 114: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 114: Initiation, examen et adoption de la présente loi** |
| **Ingingo ya 115: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko** | **Article 115: Repealing provision** | **Article 115: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 116: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 116: Commencement** | **Article 116: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N° 20/2018 RYO KU WA 29/04/2018 RIGENA AMABWIRIZA MU BY'INDEGE ZA GISIVILI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 22 Werurwe 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Ishingiye ku Masezerano Mpuzamahanga mu by'Indege za Gisivili yashyiriweho umukono i Chicago ku wa 07 Ukuboza 1944 nk'uko yemejwe n'Itegeko ryo ku wa 30/04/1947 n'Imigereka yayo yemejwe n'Itegeko-teka ryo ku wa 07/04/1976;

Isubiye ku Itegeko n° 75/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena amabwiriza mu by'indege za gisivili;

**YEMEJE:**

**LAW N°20/2018 OF 29/04/2018 ESTABLISHING REGULATIONS GOVERNING CIVIL AVIATION**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 22 March 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

Pursuant to the Convention on International Civil Aviation signed at Chicago on 07 December 1944, as ratified by Law of 30/04/1947 and its Protocols ratified by Decree-Law of 07/04/1976;

Having reviewed Law n° 75/2013 of 11/09/2013 establishing regulations governing civil aviation;

**ADOPTS:**

**LOI N°20/2018. DU 29/04/2018 PORTANT RÈGLEMENTATION DE L'AVIATION CIVILE**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 22 mars 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

Vu la Convention relative à l'aviation civile internationale signée à Chicago le 07 décembre 1944, telle que ratifiée par la Loi du 30/04/1947 et ses Protocoles ratifiés par le Décret-Loi du 07/04/1976;

Revu la Loi n° 75/2013 du 11/09/2013 portant réglementation de l'aviation civile;

**ADOPTE:**

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena amabwiriza mu by'indege za gisivili.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

1º **Amasezerano Mpuzamahanga mu by'Indege za Gisivili:** Amasezerano Mpuzamahanga mu by'Indege za Gisivili yashyiriweho umukono i Chicago ku wa 07 Ukuboza 1944, nk'uko yemejwe n'Itegeko ryo ku wa 30/04/1947 n'Imigereka yayo yemejwe n'Itegeko-teka ryo ku wa 07/04/1976;

2º **gushakisha:** igikorwa gihuzwa muri rusange n'Ihuriro Mpuzabikorwa ry'Ubutabazi cyangwa udushami twaryo hifashishijwe abakozi n'ibikoresho bihari mu gushakisha aho abantu bari mu kaga baherereye;

3º **gutwara abantu n'ibintu mu kirere:** gutwara abantu n'ibintu hakoreshejwe inzira z'ikirere zo mu Gihugu cyangwa mpuzamahanga;

4º **ibicuruzwa byangiza:** ibicuruzwa cyangwa ibintu bishobora kugira ingaruka mbi ku buzima, umutekano, umutungo cyangwa ibidukikije

## CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

**Article One: Purpose of this Law**

This Law establishes regulations governing civil aviation.

**Article 2: Definitions**

In this Law, the following terms have the following meanings:

1º **Convention on International Civil Aviation:** Convention on International Civil Aviation signed at Chicago on 07 December 1944 as ratified by Law of 30/04/1947 and its Protocols ratified by Decree-Law of 07/04/1976;

2º **search:** an operation, normally coordinated by a rescue coordination centre or rescue subcentre, using available personnel and facilities to locate persons in distress;

3º **air transport service:** domestic or international service for the carriage of passengers and goods by air;

4º **dangerous goods:** substances or articles which are capable of posing a risk to health, safety, property or the environment and which are

## CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

**Article premier: Objet de la présente loi**

La présente loi porte règlementation de l'aviation civile.

**Article 2: Définitions**

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1º **Convention relative à l'aviation civile internationale:** Convention relative à l'aviation civile internationale signée à Chicago le 07 décembre 1944, telle que ratifiée par la Loi du 30/04/1947 et ses Protocoles ratifiés par le Décret-Loi du 07/04/1976;

2º **recherche:** opération, normalement coordonnée par un centre de coordination de sauvetage ou un centre secondaire de sauvetage, faisant appel au personnel et aux moyens disponibles pour localiser des personnes en détresse;

3º **service de transport aérien:** service national ou international de transport aérien de passagers et de biens;

4º **marchandises dangereuses:** matières ou objets pouvant constituer un risque pour la santé, la sécurité, les biens ou

kandi byashyizwe ku rutonde rw'ibicuruzwa byangiza mu mabwiriza ya tekiniki cyangwa byashyizwe muri urwo rwego hakurikijwe ayo mabwiriza;

5º **icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere:** icyemezo cyemerera umuntu gukora imirimo y'ubwikorezi bwo mu kirere;

6º **igice gikorerwamo ishakisha n'ubutabazi:** igice gifite imbibi zizwi gifitwe n'Ihuriro Mpuzabikorwa ry'Ubutabazi, gitangirwamo serivisi z'ishakisha n'ubutabazi;

7º **Ihuriro Mpuzabikorwa ry'Ubutabazi:** ishami rishinzwe guteza imbere uburyo bwo gutegura ibikorwa byo gushakisha, gutabara, guhuza imigendekere y'ibikorwa byo gutabara no gushakisha mu gice gikorerwamo ibikorwa byo gushakisha no gutabara;

8º **ikibuga cy'indege:** ahantu hemewe ku butaka cyangwa mu mazi, harimo inyubako, ibikorwaremezo n'ibikoresho bigenewe gukoreshwa byose cyangwa igice cyabyo mu gihe indege yururuka, ihaguruka no mu gihe indege irimo kugendera hasi;

9º **Ikigo:** Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisivili;

shown in the list of dangerous goods in the technical instructions or which are classified according to those instructions;

5º **air operator certificate:** a certificate authorising an operator to carry out specified commercial air transport operations;

6º **search and rescue region:** an area of defined dimensions, associated with a Rescue Coordination Centre, within which search and rescue services are provided;

7º **Rescue Coordination Centre:** a unit responsible for promoting efficient organization of search and rescue services and for coordinating the conduct of search and rescue operations within a search and rescue region;

8º **aerodrome:** a defined area on land or water including any buildings, installations and equipment intended to be used either wholly or in part for the arrival, departure and surface movement of aircraft;

9º **Authority:** the national institution in charge of civil aviation;

l'environnement et énumérés sur la liste des marchandises dangereuses dans les instructions techniques ou classés comme tels, conformément à ces instructions;

5º **permis d'exploitation aérienne:** permis autorisant un exploitant à effectuer les activités commerciales de transport aérien spécifiées;

6º **région de recherche et de sauvetage:** région de dimensions définies, associée à un Centre de coordination de sauvetage, à l'intérieur de laquelle des services de recherche et de sauvetage sont assurés;

7º **Centre de coordination de sauvetage:** service chargé de promouvoir une organisation efficace des opérations de recherche et de sauvetage et de coordonner le déroulement de ces opérations à l'intérieur d'une région de recherche et de sauvetage;

8º **aérodrome:** surface définie sur terre ou sur l'eau comprenant des bâtiments, installations et matériels destinés à être utilisés, en totalité ou en partie, pour l'arrivée, le départ et les évolutions d'un aéronef à la surface;

9º **Office:** institution nationale ayant l'aviation civile dans ses attributions;

10º **indege ya gisivili:** indege itari iya Leta ikora imirimo y'ubwikorezi bwo mu kirere;

11º **indege ya Leta:** indege ikoreshwa n'Umukuru w'Igihugu, ikoreshwa muri serivisi za Gisirikare, iza Gasutamo cyangwa iza Polisi;

12º **indege:** imashini ishobora gutembera mu kirere igahangana n'ingufu z'umwuka bitari ingufu umwuka wo mu kirere ugira ku isi;

13º **inyandikomvugo:** ibisobanuro byose cyangwa igice cy'ibisobanuro bitanzwe mu magambo, mu nyandiko cyangwa amajwi yafashwe ku bijyanye n'impanuka y'indege kandi uwanditse ibyo bisobanuro akabiha ukora iperereza;

14º **Komite y'Ubujurire:** urwego umuntu utishimiye icyemezo cyafashwe n'Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisivili, ashobora gusaba ko icyo cyemezo gihindurwa;

15º **Minisitiri:** Minisitiri ufite iby'indege za gisivili mu nshingano ze;

16º **serivisi zifasha indege mu kirere:**

a. serivisi iyobora indege mu kirere;

10º **civil aircraft**: aircraft other than those owened by the State and which are used for air transport purposes;

11º **State aircraft**: aircraft used by the Head of State and the one used in military, customs or police services;

12º **aircraft:** any machine that can derive support in the atmosphere from the reactions of the air other than the reactions of the air against the earth's surface;

13º **statement:** the whole or any part of an oral, written or recorded statement relating to an aircraft accident or incident and given by the author of the statement to an investigator;

14º **Appeal Committee:** a body to which a person who is not satisfied with a decision made by the Director General of the National Authority in charge of civil aviation, may request for reversal of the decision;

15º **Minister:** the Minister in charge of civil aviation;

16º **air navigation services:**

a. air traffic services;

10º **aéronef civil :** aéronefs autres que ceux de l'État et qui sont utilisés à des fins de transport aérien;

11º **aéronef d'État:** aéronef utilisé par le Chef de l'État et celui utilisé dans des services militaires, de douane ou de police;

12º **aéronef:** tout appareil qui peut se soutenir dans l'atmosphère grâce à des réactions de l'air autres que les réactions de l'air sur la surface de la terre;

13º **déclaration:** tout ou partie d'une déclaration verbale, écrite ou enregistrée se rapportant à un accident ou incident d'aéronef et remise par son auteur à l'enquêteur;

14º **Comité de recours:** organe auquel une personne lésée par une décision du Directeur Général de l'Office national ayant l'aviation civile dans ses attributions peut faire appel pour demander l'annulation de cette décision;

15º **Ministre:** Ministre ayant l'aviation civile dans ses attributions;

16º **services de navigation aérienne:**

a. services de la circulation aérienne;

b. itumanaho rikorerwa ku butaka no mu kirere, rigenewe kubungabunga umutekano w'indege;

c. serivisi itanga amakuru mu by'indege;

d. serivisi y'iteganyagihe mu kubungabunga umutekano w'indege mu kirere;

e. serivisi ishyiraho inzira zo mu kirere;

f. serivisi zishinzwe iby'amakarita yifashishwa mu kuyobora indege;

g. serivisi zo gushakisha n'iz'ubutabazi;

17º **u Rwanda:** igice cy'ubutaka n'icy'amazi ndetse n'ikirere kiri hejuru yabyo, Igihugu cy'u Rwanda rufiteho uburenganzira cyangwa ububasha;

18º **ubutabazi:** igikorwa kigamije gukura abantu mu kaga, kubaha ubuvuzi bw'ibanze cyangwa ibindi bakeneye no kubageza aho bafite umutekano;

19º **umuntu:** umuntu ku giti cye, isosiyete y'ubucuruzi, umuryango, ikigo, ishyirahamwe, urugaga rw'amashyirahamwe cyangwa abahagarariye ayo mashyirahamwe n'ayo masosiyete y'ubucuruzi;

20º **Umuyobozi Mukuru:** Umukuru w'Urwego Nshingwabikorwa rw'Ikigo.

b. aeronautical telecommunications;

c. aeronautical information services;

d. meteorological service for air navigation;

e. instrument flight procedure design service;

f. aeronautical cartographic services;

g. search and rescue services;

17º **Rwanda:** land areas and water territory as well as the airspace above such a territory, under the sovereignty or mandate of Rwanda;

18º **rescue:** an operation to retrieve persons in distress, provide for their initial medical or other needs, and deliver them to a place of safety;

19º **person:** an individual, a company, an organization, an institution, an association, a group of associations or representatives of such associations and those companies;

20º **Director General:** the Chief Executive Officer of the executive organ of the Authority.

b. télécommunications aéronautiques;

c. services d'information aéronautique;

d. service météorologique pour la navigation aérienne;

e. service de conception de procédures de vol aux instruments;

f. services de cartographie aéronautique ;

g. services de recherche et de sauvetage.

17º **Rwanda:** territoire sur terre et sur eau, y compris l'espace aérien au-dessus de ce territoire, sous la souveraineté ou le mandat du Rwanda;

18º **sauvetage:** opération destinée à récupérer des personnes en détresse, à leur donner les soins médicaux initiaux ou autres et à les mettre en lieu sûr;

19º **personne:** personne physique, société commerciale, organisation, établissement, association, collectif des associations ou représentants de ces associations et sociétés commerciales;

20º **Directeur Général:** le Directeur général en chef de l'organe exécutif de l'Office;

**Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko**

Iri tegeko rireba:

1º abakozi bose bo mu ndege za gisivili;

2º indege z'u Rwanda za gisivili ziri mu Rwanda cyangwa hanze y'u Rwanda;

3º indege zose z'amahanga ziri mu Rwanda;

4º ikirere cyose cy'u Rwanda n'ibibuga by'indege za gisivili byose byo mu Rwanda;

5º ibijyanye no gutwara abantu n'ibintu mu kirere n'ibikorerwa byose mu kirere cy'u Rwanda;

6º itangwa rya serivisi zo mu kirere mu Rwanda.

Iri tegeko rireba kandi impanuka z'indege cyangwa ibindi byago bikomeye bibera:

1º mu Rwanda cyangwa mu kirere cyarwo cyangwa ikirere kirebana n'u Rwanda;

2º mu mazi atagira igihugu kiyategeka iyo indege yanditse ku Rwanda;

**Article 3: Scope of this Law**

This Law applies to:

1° all civil aircraft personnel;

2° Rwandan civil aircraft in or outside Rwanda;

3° all foreign aircraft in Rwanda;

4° all Rwanda air navigation and all civil airdromes in Rwanda;

5° all aspects of air transport services and aerial works in Rwanda;

6° provision of air navigation services in Rwanda.

This Law also applies to aircraft accidents or serious incidents occurring:

1° in or over Rwandan territory or within the corresponding airspace;

2º in waters which do not fall under the sovereignty of any State when Rwanda is the State of registry:

**Article 3: Champ d'application de la présente loi**

La présente loi s'applique à:

1º tout le personnel des aéronefs civils;

2º les aéronefs civils rwandais se trouvant au Rwanda ou à l'extérieur du Rwanda;

3º tous les aéronefs étrangers se trouvant au Rwanda;

4° l'ensemble de la navigation aérienne au Rwanda et tous les aérodromes civils au Rwanda;

5° tous les aspects de services de transport aérien et toutes les opérations aériennes au Rwanda;

6° la fourniture des services de navigation aérienne au Rwanda.

La présente loi s'applique également aux accidents ou incidents graves d'aéronefs survenus:

1º au Rwanda ou au-dessus du territoire rwandais ou dans l'espace aérien correspondant;

2º dans des eaux non soumises à la souveraineté d'un État lorsque le Rwanda est l'État d'immatriculation:

3º ku butaka bw'igihugu kiri mu Muryango Mpuzamahanga mu by'Indege za Gisivili kandi icyo gihugu kikaba kidateganya gukora iperereza riteganywa n'umugereka wa 13 w'Amasezerano Mpuzamahanga mu by'Indege za Gisivili;

4º ku butaka bw'igihugu kitari mu Muryango Mpuzamahanga mu by'Indege za Gisivili kandi icyo gihugu kikaba kidateganya gukora iperereza riteganywa n'umugereka wa 13 w'Amasezerano Mpuzamahanga mu by'Indege za Gisivili.

Iri tegeko ntirireba indege ya Leta. Icyakora, iteka rya Minisitiri rigena ibihe n'uburyo bikorwa.

**<u>Ingingo ya 4</u>: Ubusugire bw'ikirere cy'u Rwanda**

U Rwanda rufite uburenganzira busesuye kandi budasubirwaho ku buso bw'ikirere kiri hejuru y'ubutaka bwarwo.

**<u>Ingingo ya 5</u>: Gukumira indege ya gisivili iri mu kirere**

Nta muntu wemerewe gukumira indege ya gisivili iri mu kirere cyangwa ngo atange amabwiriza y'uko igwa ku butaka keretse bikozwe n'ingabo z'u Rwanda zubahiriza inshingano zazo.

3º in the territory of a contracting State of the International Civil Aviation Organisation which does not intend to conduct an investigation in accordance with Annex 13 to the Convention on International Civil Aviation;

4º in the territory of a non-contracting State of the International Civil Aviation Organisation which does not intend to conduct an investigation in accordance with Annex 13 to the Convention on International Civil Aviation.

The provisions of this Law shall not apply to State aircraft. However, an Order of the Minister may determine circumstances and modalities thereof.

**<u>Article 4</u>: Sovereignty over the airspace of Rwanda**

Rwanda has absolute and exclusive sovereignty over the airspace above its territory.

**<u>Article 5</u>: Interception of civil aircraft**

No person is authorized to intercept a civil aircraft in the airspace or instruct it to land unless interception is carried out by the Rwanda Defence Forces in the performance of their duties.

3º sur le territoire d'un État contractant de l'Organisation de l'aviation civile internationale qui n'a pas l'intention de mener une enquête conformément à l'annexe 13 à la Convention relative à l'aviation civile;

4º sur le territoire d'un État non contractant de l'Organisation de l'aviation civile internationale qui n'a pas l'intention de mener une enquête conformément à l'annexe 13 à la Convention relative à l'aviation civile.

Les dispositions de la présente loi ne s'appliquent pas à l'aéronef d'État. Toutefois, un arrêté du Ministre peut déterminer les circonstances et les modalités de leur déroulement.

**<u>Article 4</u>: Souveraineté sur l'espace aérien du Rwanda**

Le Rwanda a la souveraineté absolue et exclusive sur l'espace aérien au-dessus de son territoire.

**<u>Article 5</u>: Interception d'un aéronef civil**

Personne ne peut intercepter un aéronef civil ou donner une instruction d'atterrir à moins que l'interception ne soit effectuée par les Forces Rwandaises de Défense dans l'exercice de leurs fonctions.

Minisitiri atanga ububasha bwo gukoresha ibimenyetso bikumira indege ya gisivili iri mu kirere cyangwa gusaba ko igwa ku butaka ari uko biri mu nyungu rusange kandi bitari buhungabanye umutekano mu by'indege za gisivili.

Umupilote w'indege ya gisivili uhawe amabwiriza yo kugwa ku butaka n'umuntu ubifitiye ububasha agomba kubahiriza ayo mabwiriza.

Iteka rya Minisitiri riteganya amabwiriza umupilote w'indege ya gisivili ikoreshejwe mu gukumira n'umupilote w'indege ya gisivili ikumiriwe bagomba kubahiriza.

Gukumira indege ya gisivili mu kirere cy'u Rwanda bigarukira ku kumenya iyo ndege, keretse iyo ari ngombwa ko iyo ndege isubizwa mu nzira yayo, iyoborwa mu rwego rwo kuyirenza imipaka y'u Rwanda, ibuzwa kwinjira ahantu itemerewe cyangwa ahantu hateza akaga cyangwa gutegeka ko iyo ndege igwa ku kibuga cy'indege cyateganyijwe.

**<u>Ingingo ya 6</u>: Ubufasha buhabwa indege ya gisivili yakumiriwe**

Indege ya gisivili ikumiriwe ihabwa ubufasha bujyanye no kuyiyobora mu kirere n'ubwo kuyiha amakuru akenewe mu kirere hakoreshejwe radiyo igihe bishoboka kuvugana na yo.

The Minister authorises the use of interception signals or gives instructions to the civil aircraft in space to land if such authorisation is in public interest and not likely to affect aviation safety.

The pilot-in-command of a civil aircraft who receives instructions to land from an authorized person must comply with the instructions.

An Order of the Minister specifies rules of interception that the pilot-in-command of an intercepting civil aircraft and the pilot-in-command of an intercepted civil aircraft must comply with.

Interception of a civil aircraft in the airspace of Rwanda is limited to determining the identity of the aircraft, unless it is necessary to return the civil aircraft to its planned track, direct it beyond the boundaries of Rwanda airspace, guide it away from a prohibited, restricted or danger area or instruct it to land at a designated aerodrome.

**<u>Article 6</u>: Assistance given to an intercepted civil aircraft**

Navigational guidance and related information are given to an intercepted civil aircraft by radiotelephony, whenever radio contact may be established.

Le Ministre autorise l'usage d'un signal d'interception ou une instruction d'atterrir si une telle autorisation est dans l'intérêt public et que la sécurité aérienne ne risque pas d'être compromise.

Le commandant de bord d'un aéronef civil qui reçoit des instructions d'atterrir d'une personne compétente doit se conformer à ces instructions.

Un arrêté du Ministre prévoit les règles d'interception auxquelles le commandant de bord d'un aéronef civil intercepteur et le commandant de bord d'un aéronef intercepté doivent se conformer.

Une interception d'un aéronef civil dans l'espace aérien du Rwanda se limite à déterminer l'identité de l'aéronef, à moins qu'il soit nécessaire de remettre l'aéronef sur sa trajectoire prévue, de lui indiquer la direction à suivre pour sortir des limites de l'espace aérien du Rwanda, de le conduire hors d'une zone réglementée, interdite ou dangereuse ou de lui ordonner d'atterrir à un aérodrome désigné.

**<u>Article 6</u>: Assistance donnée à l'aéronef civil intercepté**

Toutes les fois que le contact radio peut être établi, des indications de navigation et des renseignements connexes sont donnés par radiotéléphonie à l'aéronef civil intercepté.

Iyo bibaye ngombwa ko indege ya gisivili ikumiriwe igwa ku butaka bw'u Rwanda, ikibuga cy'indege cyateganyijwe kigomba kuba gishobora kwakira ubwoko bw'iyo ndege mu mudendezo.

Indege ya gisivili yose yanditse mu Rwanda cyangwa ikoreshwa n'umuntu cyangwa ikigo gifite icyicaro gikuru mu Rwanda cyangwa utuye mu buryo buhoraho mu Rwanda, igomba kubahiriza amabwiriza y'ikindi gihugu igihe ikumiriwe.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Indege iri mu kaga**

**Ingingo ya 25: Ibiranga uruhushya rw'umukozi ukora mu by'indege za gisivili**

Uruhushya rw'umukozi ukora mu by'indege za gisivili rugaragaza:

1° ubushobozi bwa nyirarwo;

2° ibyo ufite uruhushya yemerewe gukora mu by'indege za gisivili;

3° ibindi Umuyobozi Mukuru yasanga ari ngombwa mu kubahiriza umutekano w'iby'indege za gisivili.

**Ingingo ya 26: Itangwa ry'icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere**

Umuyobozi Mukuru afite ububasha bwo gutanga icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere no gushyiraho ibipimo ngenderwaho by'umutekano muri iyo mirimo icyo cyemezo cyatangiwe.

Umuntu wese wifuza gukora umurimo w'ubwikorezi bwo mu kirere akaba ari umwenegihugu cyangwa atuye mu Rwanda ashyikiriza inyandiko isaba Umuyobozi Mukuru kumuha icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere.

Iyo nyuma y'iperereza Umuyobozi Mukuru abonye ko umuntu uvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo afite

**Article 25: Contents of the licence of civil aviation personnel**

A license of a civil aviation personnel specifies:

1° the capacity of the holder;

2° the field in which the holder is authorized to serve in civil aviation;

3° other elements that the Director General may consider necessary for ensuring safety in civil aviation.

**Article 26: Issuance of an air operator certificate**

The Director General has the power to issue an air operator certificate and establish minimum safety standards for the operation of the air operator to which such certificate is issued.

Every person who intends to operate as an air operator and who is a citizen or a resident of Rwanda, files with the Director General an application for an air operator certificate.

If, after investigations, the Director General finds that the person mentioned in Paragraph 2 of this

**Article 25: Contenu de la licence du personnel de l'aviation civile**

Une licence du personnel de l'aviation civile spécifie:

1° la capacité du détenteur;

2° le domaine dans lequel le détenteur est autorisé à servir dans l'aviation civile;

3° autres éléments que le Directeur Général peut juger nécessaires pour assurer la sécurité dans l'aviation civile.

**Article 26: Octroi d'un permis d'exploitation aérienne**

Le Directeur Général a le pouvoir d'émettre un permis d'exploitation aérienne et d'établir des normes minimales de sécurité pour les opérations de l'exploitant aérien pour lesquelles un tel permis est émis.

Toute personne qui désire travailler en tant qu'exploitant aérien et qui est un citoyen ou un résident du Rwanda, adresse sa demande de permis d'exploitation aérienne au Directeur Général.

Si, après enquêtes, le Directeur Général constate que la personne visée à l'alinéa 2 du présent article

ibikoresho byose kandi bikwiye, akaba yaragaragaje ubushobozi bwo gukora imirimo inoze hakurikijwe ibisabwa n'iri tegeko, amabwiriza afitanye isano na ryo n'ibipimo biriteganyijwemo, amuha icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere.

**Ingingo ya 27: Itangwa ry'icyemezo kuri serivisi zo mu kirere**

Itangwa rya serivisi zose zo mu kirere mu Rwanda risaba icyemezo cy'Umuyobozi Mukuru hakurikijwe ibisabwa n'iri tegeko, amabwiriza afitanye isano na ryo n'ibipimo ngenderwaho by'umutekano ashyiraho.

**Ingingo ya 28: Icyemezo gihabwa indege yujuje ibisabwa ku rwego tekiniki**

Umuyobozi Mukuru atanga icyemezo cy'uko indege yujuje ibisabwa ku rwego tekiniki ashingiye ku bimenyetso bihagije byemeza ko indege yujuje ibisabwa kuri urwo rwego rw'icyemezo gitangwa n'Igihugu gifite ububasha ku muryango ukora ubwo bwoko bw'indege.

Nyir'indege yanditswe mu Rwanda ashobora gusaba Umuyobozi Mukuru gutanga icyemezo cy'uko indege yujuje ibisabwa ku rwego tekiniki akoresheje urupapuro rwabugenewe.

Iyo Umuyobozi Mukuru asanze indege yujuje ibisabwa kandi amaze no kuyikorera igenzura agasanga ishobora kuguruka nta kibazo, atanga

Article is properly and adequately equipped and has demonstrated the ability to conduct a safe operation in accordance with the requirements of this Law, related regulations and standards prescribed there under, he/she issues an air operator certificate to that person.

**Article 27: Certification of air navigation services**

The provision of all air navigation services within Rwanda is subject to certification by the Director General in accordance with the requirements set forth in this Law, related regulations and safety standards that he/she prescribes.

**Article 28: Airworthiness certificate**

The Director General issues an airworthiness certificate on the basis of satisfactory evidence that the aircraft conforms to type certificate issued by the State having jurisdiction over the organisation responsible for the type design.

The owner of an aircraft registered in Rwanda may request the Director General to issue airworthiness certificate for such an aircraft by use of an appropriate application form.

If the Director General considers that the aircraft conforms to the requirements and, after inspection,

a des équipements appropriés et adéquats et a fait preuve de la capacité de mener une opération sécurisée conformément aux dispositions de la présente loi, aux règlements et aux normes y relatifs, il lui octroie un permis d'exploitation aérienne.

**Article 27: Certification des services de navigation aérienne**

La prestation de tous les services de navigation aérienne au Rwanda est soumise à une certification par le Directeur Général conformément aux conditions requises énoncées dans la présente loi, les règlements y relatifs et les normes de sécurité qu'il prescrit.

**Article 28: Certificat de navigabilité**

Le Directeur Général émet un certificat de navigabilité sur base de preuves satisfaisantes que l'aéronef se conforme au type de certificat émis par l'État ayant le pouvoir sur l'organisme responsable de la conception de type.

Le propriétaire d'un aéronef immatriculé au Rwanda peut demander au Directeur Général un certificat de navigabilité pour cet aéronef en utilisant un formulaire de demande approprié.

Si le Directeur Général constate que l'aéronef satisfait aux exigences et qu'après contrôle, il

icyemezo cy'uko indege yujuje ibisabwa ku rwego tekiniki.

Umuyobozi Mukuru yandika mu cyemezo cy'uko indege yujuje ibisabwa ku rwego tekiniki igihe kizamara, ubwoko bwa serivisi indege igomba gukoreshwamo n'ibindi bikenewe cyangwa bisabwa, hagamijwe kubahiriza umutekano w'indege n'abagenzi.

Icyemezo cy'uko indege yujuje ibisabwa ku rwego tekiniki gishobora kongererwa igihe hakurikijwe iri tegeko cyangwa amabwiriza afitanye isano na ryo, uretse ko Umuyobozi Mukuru asaba ko ubuzima bw'indege bukurikiranirwa hafi hakorwa igenzura rya buri gihe rigenwa n'Umuyobozi Mukuru cyangwa se ubundi buryo buhwanye n'iryo genzura.

**<u>Ingingo ya 29</u>: Kwemeza ikoreshwa ry'ikibuga cy'indege mpuzamahanga n'ibibuga byagenewe ubwikorezi bwo mu kirere imbere mu gihugu**

Ikibuga cy'indege cyagenewe gukorerwaho imirimo y'ubwikorezi bwo mu kirere ku rwego mpuzamahanga kibihererwa icyemezo hakurikijwe ibisabwa biteganywa n'iri tegeko n'andi mabwiriza afitanye isano na ryo.

Ikibuga cy'indege cyagenewe gukorerwaho imirimo y'ubwikorezi bwo mu kirere imbere mu gihugu gihabwa uruhushya hakurikijwe ibisabwa bisobanuwe muri iri tegeko, amabwiriza n'ibipimo ngenderwaho mu bya tekiniki bijyana na ryo.

finds that the aircraft is in good condition for safe operation, he/she issues an airworthiness certificate.

The Director General indicates on an airworthiness certificate, its duration, the type of service for which the aircraft is used and such other conditions or requirements for the safety of the aircraft and passengers.

An airworthiness certificate may be renewed in accordance with this Law or any related regulations, except that the Director General requires that the continuing airworthiness of the aircraft be monitored by a regular inspection determined by the Director General or any other method similar to such an inspection.

**<u>Article 29</u>: Certification of international aerodromes and licensing of domestic aerodromes**

Any aerodrome intended to be used for international air transport operations is certified in accordance with the requirements set forth in this Law and related regulations.

Any aerodrome intended to be used for domestic air transport operations is licensed in accordance with the requirements set forth in this Law, related regulations and technical standards.

constate que l'aéronef est en bon état de navigabilité, il délivre un certificat de navigabilité.

Le Directeur Général inscrit sur le certificat de navigabilité, la durée de sa validité, le type de service pour lequel l'aéronef peut être utilisé et d'autres conditions ou exigences dans l'intérêt de la sécurité de l'aéronef et des passagers.

Le certificat de navigabilité peut être renouvelé conformément à la présente loi ou aux règlements y relatifs sous réserve que le Directeur Général exige que le maintien de la navigabilité de l'aéronef soit suivi de près grâce aux vérifications régulières déterminées par le Directeur Général ou à tout autre moyen équivalent à cette inspection.

**<u>Article 29</u>: Certification d'un aérodrome international et licence des aérodromes nationaux**

Tout aérodrome destiné à être utilisé pour des opérations de transport aérien international est certifié conformément aux conditions requises énoncées dans la présente loi et les règlements y relatifs.

Tout aérodrome destinés à être utilisé pour les opérations de transport aérien intérieur est agréé conformément aux exigences énoncées dans la présente loi, les réglementations connexes et les normes techniques.

Umuyobozi Mukuru afite ububasha bwo gushyiraho ibipimo ngenderwaho by'ibanze byerekeranye n'umutekano kugira ngo hatangwe icyemezo kivugwa muri iyi ngingo.

**Ingingo ya 30: Isuzuma n'itangwa ry'ibyemezo ku miryango itanga inyigisho n'amahugurwa n'iyita ku buzima bw'indege za gisivili**

Umuyobozi Mukuru afite ububasha bwo gukora isuzuma no gutanga ibyemezo by'ubushobozi ku:

1º miryango yemerewe gutanga inyigisho n'amahugurwa n'iyita ku buzima bw'indege za gisivili, imiryango yita ku ndege za gisivili n'ibice byazo, ibyerekeranye n'ireme ry'ibyigwa mu nyigisho n'amahugurwa, ubwiza n'ubushobozi bwo gukorera mu kirere kw'ibikoresho ndetse n'ubushobozi bw'abahugura;

2º miryango yita ku buzima bw'indege n'ibice byazo, mu birebana n'ubwiza n'ubushobozi bw'ibikoresho, ahakorerwa ndetse n'ubushobozi bw'abantu babikoramo cyangwa babitangamo amahugurwa.

Umuyobozi Mukuru afite kandi ububasha bwo guha ibyemezo imiryango itanga inyigisho n'amahugurwa mu by'indege za gisivili n'imiryango yita ku buzima bw'indege.

The Director General has the power to establish minimum safety standards for licensing referred to in this Article.

**Article 30: Evaluation and issue of certificates to civil aviation training and maintenance organisations**

The Director General has the powers to evaluate and issue certificates of capacity for:

1º approved civil aviation training and maintenance organisations, civil aircraft and its components flight or maintenance organizations, as to adequacy of the course of instruction, suitability and airworthiness of the equipment and competency of the instructors;

2º aircraft and its components maintenance organisations, as to the adequacy and suitability of the equipment, facilities and competency of those engaged in the work or giving any instruction therein.

The Director General also has powers to issue certificates to civil aviation training and aircraft maintenance organisations.

Le Directeur Général a le pouvoir de fixer les normes minimales de sécurité pour la licence visée au présent article.

**Article 30: Évaluation et délivrance des certificats aux organisations de formation et de maintenance dans le domaine de l'aviation civile**

Le Directeur Général a le pouvoir d'effectuer une évaluation et délivrer des certificats de capacité pour:

1º les organisations agréées de formation et de maintenance dans le domaine de l'aviation civile, les aéronefs civils et leurs composants de vol ou les organisations de maintenance quant à l'adéquation des cours de la formation, l'aptitude et la navigabilité des équipements et la compétence des formateurs;

2º les organisations agréées de maintenance d'aéronefs et de leurs composants, quant à l'adéquation et l'aptitude des équipements, des installations et la compétence des personnes qui y sont engagées ou y dispensent une formation.

Le Directeur Général a aussi le pouvoir de délivrer des certificats aux organisations de formation en aviation civile et aux organisations de maintenance d'aéronefs.

Umuyobozi Mukuru yemerera imiryango itanga inyigisho n'amahugurwa mu by'indege za gisivili n'imiryango yita ku buzima bw'indege gukora hashingiwe ku bushobozi bw'abasaba kubahiriza ibisabwa.

The Director General authorizes civil aviation training and maintenance organizations to operate depending on the ability of the applicants to comply with the requirements.

Le Directeur Général autorise les organisations de formation en aviation civile et de maintenance à fonctionner en vertu de la capacité des demandeurs à se conformer aux conditions requises.

**Ingingo ya 31: Inyandiko zuzuzwa n'usaba uruhushya cyangwa icyemezo**

Inyandiko zuzuzwa n'usaba uruhushya cyangwa icyemezo bivugwa muri iri tegeko, zigomba kuba zikubiyemo amakuru y'ibisabwa, ay'usaba uruhushya cyangwa icyemezo, zigashyirwaho umukono na nyirazo kandi zikabikwa n'Umuyobozi Mukuru.

**Article 31: Application forms for license or certificate**

Application forms for license or certificate referred to in this Law must contain information on the requirements, the applicant of license or certificate and must be signed by the applicant and kept by the Director General.

**Article 31: Formulaires de demande de licence ou certificat**

Les formulaires de demande de licence ou certificat prévus par la présente loi doivent fournir des informations sur les conditions requises, sur le demandeur de la licence ou certificat et doivent être signés par le demandeur et gardés par le Directeur Général.

**Ingingo ya 32: Guhindura, guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu uruhushya cyangwa icyemezo**

Icyangombwa icyo ari cyo cyose cyatanzwe n'Umuyobozi Mukuru gishobora guhagarikwa by'agateganyo cyangwa kuvanwaho burundu bikozwe n'Umuyobozi Mukuru igihe asanze ari mu nyungu rusange.

Umuyobozi Mukuru ashobora, bibaye ngombwa, kugenzura, gusuzuma indege n'ibyuma byayo, imiryango itanga inyigisho n'amahugurwa mu by'indege za gisivili, imiryango yita ku buzima bw'indege, ibibuga by'indege, serivisi zifasha indege mu kirere n'inyubako zazo, serivisi iyobora indege mu kirere, abakozi b'indege za gisivili n'abandi bose bafite impushya cyangwa ibyemezo byo gukora akazi kajyanye n'iby'indege za gisivili.

**Article 32: Modification, suspension or revocation of a license or a certificate**

Any certificate issued by the Director General may be suspended or revoked by the Director General for any cause if he/she finds such suspension or revocation to be in the public interest.

The Director General may, if considered necessary, inspect, check aircraft and their equipment, civil aviation training organisations, aircraft maintenance organisations, aerodromes, air navigation services and its facilities, air traffic services, civil aviation personnel and any other civil aviation license or certificate holders.

**Article 32: Modification, suspension ou révocation d'une licence ou d'un certificat**

Tout certificat délivré par le Directeur Général peut être suspendu ou révoqué par le Directeur Général pour toute cause s'il estime qu'une telle suspension ou révocation est dans l'intérêt général.

Le Directeur Général peut, en cas de besoin, faire l'inspection et le contrôle des aéronefs et leurs équipements, des organisations de formation en matière d'aviation civile, des organisations de maintenance des aéronefs, des aérodromes, des services de navigation aérienne et leurs installations, les services de la circulation aérienne, le personnel de l'aviation civile et tous autres

titulaires de licence ou de certificat d'aviation civile.

Iyo, nyuma yo kongera kugenzura cyangwa gusuzuma, cyangwa nyuma y'iperereza runaka ryakozwe, bigaragaye ko ari ngombwa kubera impamvu z'inyungu rusange cyangwa iz'umutekano mu by'indege za gisivili, Umuyobozi Mukuru ashobora guhindura, guhagarika by'agateganyo cyangwa kuvanaho burundu icyemezo cyangwa uruhushya byatanzwe hakurikijwe iri tegeko n'amabwiriza afitanye isano naryo.

Mbere yo guhindura, guhagarika by'agateganyo cyangwa kuvanaho burundu uruhushya cyangwa icyemezo, Umuyobozi Mukuru amenyesha mu nyandiko ba nyirabyo impamvu z'ingenzi zashingiweho kugira ngo icyo cyemezo gifatwe kandi agaha abo kireba umwanya wo gutanga ibisobanuro bishobora kuvuguruza icyo cyemezo, keretse igihe byihutirwa.

**<u>Ingingo ya 33</u>: Komite y'Ubujurire**

Hashyizweho Komite y'Ubujurire, ikaba ari urwego umuntu wese utishimiye icyemezo cy'Umuyobozi Mukuru cyo guhindura, guhagarika by'agateganyo cyangwa kuvanaho burundu icyemezo cyangwa uruhushya ashobora kujuririra.

Iteka rya Minisitiri rigena imitunganyirize, imikorere n'abagize Komite ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

If, after such re-inspection or re-examination, or after any other investigation, it is considered necessary for public interest or for the safety of civil aviation, the Director General may modify, suspend or revoke any licence or certificate issued in accordance with this Law and related regulations.

Before modification, suspension or revocation of a license or a certificate, the Director General informs the holders in writing the main reasons of such a decision and gives an opportunity to the concerned persons, to provide explanations likely to challenge the decision, except in case of emergency.

**<u>Article 33</u>: Appeal Committee**

An Appeal Committee is established as a body to which a person who is not satisfied with a decision of the Director General to modify, suspend or revoke of a licence or certificate may appeal.

An Order of the Minister determines the organisation, functioning and composition of the Committee referred to in Paragraph One of this Article.

Si, après une nouvelle inspection ou contrôle ou si, à la suite d'une autre enquête, pour cause d'intérêt général ou de la sécurité de l'aviation civile, il s'avère nécessaire, le Directeur Général peut modifier, suspendre ou révoquer une licence ou un certificat délivré en vertu de la présente loi et des règlements y relatifs.

Avant de modifier, suspendre ou révoquer une licence ou un certificat, le Directeur Général informe les détenteurs par écrit des raisons principales ayant motivé la prise de cette décision et donne aux concernés l'occasion de faire valoir les arguments contraires à la décision prise, sauf en cas d'urgence.

**<u>Article 33</u>: Comité de recours**

Il est créé un Comité de recours qui est un organe auquel une personne non satisfaite de la décision de modification, de suspension ou de révocation d'une licence ou d'un certificat prise par le Directeur général peut faire appel.

Un arrêté du Ministre détermine l'organisation, le fonctionnement et la composition du Comité visé à l'alinéa premier du présent article.

**Ingingo ya 34: Iyubahirizwa ry'ibikubiye mu ruhushya**

Umuntu wese ufite uruhushya rwo gukora imirimo ijyanye n'iby'indege za gisivili afite inshingano zo kubahiriza ibikubiye muri iri tegeko n'amabwiriza ajyanye naryo n'ibikubiye muri urwo ruhushya.

Umuyobozi Mukuru afite ububasha bwo gufatira ibyemezo, igihe bibaye ngombwa, umuntu ufite uruhushya utubahiriza ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

**Ingingo ya 35: Ibibujijwe**

Nta muntu wemerewe:

1º gukoresha indege ya gisivili idafite icyemezo cy'uko indege yujuje ibisabwa ku rwego tekiniki cyangwa mu buryo bunyuranyije n'ibiteganywa n'icyo cyemezo;

2º gukora akazi kajyanye n'iby'indege za gisivili gasaba uruhushya kandi atarufite cyangwa mu buryo bunyuranyije n'amabwiriza ashyira mu bikorwa iri tegeko;

3º guha umuntu akazi mu bijyanye n'iby'indege za gisivili atabifitiye uruhushya kandi ako kazi gasaba uruhushya;

4º gukora imirimo y'ubwikorezi bwo mu kirere adafite icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere

**Article 34: Compliance with the terms of a licence**

Any person who is licensed to work in aircraft-related activities has the obligation to comply with provisions of this Law as well as the related regulations and the license.

When necessary, the Director General has the power to take enforcement actions against a licensed person who fails to comply with the provisions of Paragraph One of this Article.

**Article 35: Prohibitions**

No person is permitted to:

1º operate any aircraft without airworthiness certificate or in violation of the terms of the certificate;

2º serve in civil aviation in any capacity requiring a license without a license or in violation of regulations implementing this Law;

3º employ unauthorized person in civil aviation in any capacity that requires a licence;

4º operate as an air operator without an air operator certificate or use such a certificate in ways that violate its provisions;

**Article 34: Conformité aux termes d'une licence**

Tout détenteur d'une licence impliqué dans les activités d'aviation civile a l'obligation de respecter les dispositions de la présente loi ainsi que des règlements y relatifs et ceux contenus dans la licence.

Le Directeur Général a le pouvoir de prendre des mesures d'application à l'encontre d'une personne titulaire d'une licence qui ne se conforme pas aux dispositions de l'alinéa premier du présent article.

**Article 35: Interdictions**

Il est interdit à toute personne de:

1º exploiter un aéronef sans certificat de navigabilité ou en violation des termes de ce certificat;

2º exercer dans le domaine de l'aviation civile une fonction exigeant une licence sans ladite licence ou en violation des règlements qui mettent en application la présent loi;

3º employer dans l'aviation civile une personne qui n'a pas de la licence en rapport avec l'aviation civile alors que sa fonction l'exige;

4º exercer en tant qu'exploitant aérien sans permis d'exploitation aérienne ou utiliser un

cyangwa kugikoresha mu buryo bunyuranye n'amabwiriza agenga icyo cyemezo;

5º gukoresha indege ya gisivili mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa icyemezo cyatanzwe hakurikijwe iri tegeko;

6º gushinga umuryango utanga inyigisho n'amahugurwa mu by'indege za gisivili cyangwa umuryango wita ku buzima bw'indege za gisivili hatubahirijwe amabwiriza ajyanye n'iri tegeko cyangwa ibiteganywa n'uruhushya rwatanzwe n'Umuyobozi Mukuru.

**Ingingo ya 36: Guha agaciro uruhushya cyangwa icyemezo byatanzwe n'ikindi gihugu**

Umuyobozi Mukuru aha agaciro uruhushya cyangwa icyemezo byatanzwe n'abashinzwe iby'indege za gisivili mu bindi bihugu amaze gusuzuma niba:

1º impushya z'abakozi bo mu by'indege za gisivili cyangwa ibyemezo by'uko indege yujuje ibisabwa ku rwego tekiniki ku gihugu cyashyize umukono ku Masezerano Mpuzamahanga mu by'Indege za Gisivili bifite agaciro kandi ko byubahiriza ibisabwa n'ayo Masezerano;

2º inyandiko ziteganywa n'amategeko n'amabwiriza ku bijyanye n'ubucuruzi mu gutwara abantu n'ibintu mu kirere zubahirijwe.

5º operate an aircraft in violation of laws or certificate issued in accordance with this Law;

6º establish a civil aviation training organisation or aircraft maintenance organisation in violation of any regulations related to this Law or the provisions of the certificate issued by the Director General.

**Article 36: Validation of a license or a certificate issued by another country**

The Director General validates a license or a certificate issued by a civil aviation authority of another country after verifying whether:

1º the personnel licenses or airworthiness certificates for the country signatory to the Convention on International Civil Aviation are valid and in compliance with provisions of the Convention;

2º the documents provided for by the law and regulations on commercial air transport services are complied with.

tel certificat d'une manière qui contrevient à ses dispositions;

5º exploiter l'aéronef en violation des lois ou le non-respect des termes du certificat délivré en vertu de la présente loi;

6º créer une organisation de formation d'aviation civile ou une organisation de maintenance des aéronefs en violation des règlements relatifs à la présente loi ou des dispositions du certificat délivré par le Directeur Général.

**Article 36: Validation d'une licence ou certificat délivré par un autre pays**

Le Directeur Général valide une licence ou un certificat délivré par les autorités d'aviation civile d'autres pays après avoir vérifié que:

1º les licences du personnel d'aviation civile ou les certificats de navigabilité pour le pays signataire de la Convention relative à l'aviation civile internationale sont valides et conformes aux dispositions de ladite Convention;

2º les documents prévus par la loi et les règlements en matière de services de transport aérien commercial sont respectés.

**UMUTWE WA V: UMUTEKANO W'IBY'INDEGE ZA GISIVILI**

**Ingingo ya 37: Ishyirwaho rya Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege**

Umuyobozi Mukuru ashyiraho kandi agashyira mu bikorwa Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege hagamijwe kugera ku rugero rwemewe rw'umutekano mu by'indege za gisivili.

Umuyobozi Mukuru ni we ushinzwe Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege.

**Ingingo ya 38: Ibikubiye muri Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege**

Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege ikubiyemo ibi bikurikira:

1º politiki n'intego by'umutekano;

2º uburyo bwo gukumira icyahungabanya umutekano;

3º kubumbatira umutekano;

4º guteza imbere umutekano mu by'indege za gisivili.

**CHAPTER V: CIVIL AVIATION SAFETY**

**Article 37: Establishment of the National Aviation Safety Programme**

The Director General establishes and implements a National Aviation Safety Programme in order to achieve an acceptable level of safety in civil aviation.

The Director General is accountable manager for the National Aviation Safety Programme.

**Article 38: Components of the National Aviation Safety Programme**

The National Aviation Safety Programme includes the following components:

1º safety policy and objectives;

2º safety risk management mechanisms;

3º safety assurance;

4º civil aviation safety promotion.

**CHAPITRE V: SÉCURITÉ DE L'AVIATION CIVILE**

**Article 37: Mise en place d'un Programme national de sécurité de l'aviation**

Le Directeur Général établit et met en œuvre un Programme national de sécurité de l'aviation afin d'atteindre un niveau acceptable de la sécurité en aviation civile.

Le Directeur Général est le gestionnaire responsable du Programme national de sécurité de l'aviation.

**Article 38: Éléments du Programme national de sécurité de l'aviation**

Le Programme national de sécurité de l'aviation comprend les éléments suivants:

1º politique et objectifs de la sécurité;

2º mécanismes de gestion des risques de sécurité;

3º assurance de la sécurité;

4º promotion de la sécurité de l'aviation civile.

**Ingingo ya 39: Ububasha mu bijyanye na Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege**

Mu bijyanye na Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege, Umuyobozi Mukuru akora ibi bikurikira:

1° gushyiraho politiki y'ibigomba gukurikizwa isobanura ibisabwa n'ibihe bituma abatanga serivisi mu by'indege n'abakora mu by'indege bafite Uburyo bwo gucunga Umutekano bemerewe kwita no gukemura ibikorwa bigira uruhare mu bibazo by'umutekano imbere mu Gihugu, muri gahunda y'uburyo bwo gucunga umutekano kandi mu buryo Ikigo cyishimira;

2° gushyiraho uburyo bwo guhanahana amakuru hagati y'u Rwanda n'indi miryango ikora ibijyanye n'umutekano mu by'indege za gisivili kandi bukagenzura ko ayo makuru n'iryo tumanaho birinzwe ku buryo bidakoreshwa mu buryo budakwiye;

3°gushyiraho biciye mu masezerano y'ubwumvikane cyangwa amasezerano y'ubufatanye, uburyo bw'ubwumvikane hagati y'Ikigo n'inzego zishinzwe ubutabera mu birebana n'imikoreshereze y'amakuru y'umutekano n'itumanaho ryerekeye umutekano yakusanyijwe, yabitswe kandi agakorerwa isesengura ku mpamvu zindi zitari izo kwita cyangwa guteza imbere umutekano mu by'indege;

**Article 39: Powers in matters related to the National Aviation Safety Programme**

In matters related to the National Aviation Safety Programme, the Director General has the following functions:

1° to establish an enforcement policy that specifies the conditions and circumstances under which service providers and operators with a Safety Management System (SMS) are allowed to deal with and resolve events involving certain safety issues, internally, within the context of their Safety Management System and to the satisfaction of the Authority;

2° to establish a mechanism for Safety Data and Safety information sharing and exchange between Rwanda and other safety-related organizations in the aviation system which ensures that such data and information is protected from inappropriate use;

3° to establish, through protocols, agreements or memoranda of understanding, advance arrangements between the Authority and the authorities entrusted with administration of justice regarding to the use of safety data and safety information collected, stored and analysed for purposes other than maintaining or improving aviation safety;

**Article 39: Pouvoirs en matière de Programme national de sécurité de l'aviation**

En matière de Programme national de sécurité de l'aviation, le Directeur Général a les fonctions suivantes:

1° établir une politique d'application qui précise les conditions et les circonstances dans lesquelles les fournisseurs de services et les exploitants dotés d'un Système de gestion de la sécurité (SGS) sont autorisés à traiter et à résoudre les événements impliquant intérieurement certains problèmes de sécurité, dans le contexte de leur Système de gestion de la sécurité et à la satisfaction de l'Office;

2° établir un mécanisme de partage et d'échange d'informations sur la sécurité entre le Rwanda et d'autres organisations liées à la sécurité dans le système aéronautique, qui assure que ces données et informations soient protégées contre l'usage inapproprié;

3° établir, à travers les protocoles, les accords ou les protocoles d'entente, des arrangements préalables entre l'Office et les autorités chargées de l'administration de la justice en ce qui concerne l'utilisation des données de sécurité et des informations de sécurité collectées, stockées et analysées à des fins autres que le maintien ou l'amélioration de la sécurité aérienne;

4° gushyiraho uburyo bwo kugenzura ko abatanga serivisi mu by'indege n'abakora mu by'indege bubahiriza itangwa rya raporo yerekeye umutekano ku bushake cyangwa nk'uko bisabwa n'itegeko;

5° gushyiraho uburyo bwo kugenzura ko abatanga serivisi mu by'indege n'abakora mu by'indege bubahiriza igipimo cyemewe cy'imikorere mu by'umutekano cyashyizweho mu rwego rwa Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege;

6° kugenzura ko mu rwego rwa Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'iby'Indege, hashyirwaho Gahunda ihamye yo Gucunga Umutekano ku Nzira indege zikoresha ziguruka cyangwa zigwa ku bibuga mpuzamahanga byose ihuza abafatanyabikorwa bose bakoresha inzira indege zikoresha ziguruka cyangwa zigwa ku kibuga no mu nkengero zacyo.

Gahunda yo gucunga Umutekano ku Nzira ikoreshwa n'indege ziguruka cyangwa zigwa ivugwa mu gace ka 6º k'iyi ngingo igomba kuba irimo n'umwanya w'aho ziparika n'urwego abagenzi buririraho binjira mu ndege.

**Ingingo ya 40: Abashinzwe gushyiraho uburyo bwo gucunga umutekano**

Abashinzwe gushyiraho uburyo bwo gucunga umutekano mu rwego rwa Gahunda y'Igihugu y'Umutekano w'Indege ni:

4º to establish a mechanism to ensure that the service providers and operators comply with mandatory and voluntary safety reporting requirements;

5º to establish a mechanism which ensures that aviation service providers and operators comply with the acceptable level of safety performance established under the National Aviation Safety Programme (NASP);

6º to ensure that as part of the National Aviation Safety Programme **(**NASP), an effective Runway Safety Program is established at all international airports which comprises of all stakeholders who operate on the Runway and its vicinity;

The Runway Safety Program referred to in item 6º of this Article must include Apron/Ramp Safety.

**Article 40: Persons responsible for establishing safety management system**

Persons responsible for establishing safety management system in the National Aviation Safety Programme related matters are:

4° établir un mécanisme pour s'assurer que les fournisseurs de services et les exploitants respectent les exigences en matière de rapports de sécurité obligatoires et volontaires;

5° établir un mécanisme qui garantit que les fournisseurs et les exploitants de services aériens respectent le niveau acceptable de performance en matière de sécurité établi dans le cadre du Programme national de sécurité de l'aviation (NASP);

6° veiller à ce que, dans le cadre du Programme national de sécurité de l'aviation (NASP), un Programme efficace de sécurité des pistes soit établi dans tous les aéroports internationaux qui comprend toutes les parties prenantes qui opèrent sur la piste et ses environs;

Le Programme de sécurité des pistes visé au point 6º du présent article doit comporter la sécurité de l'aire de trafic/aire de chargement.

**Article 40: Personnes responsables de la mise en place du système de gestion de la sécurité**

Les personnes responsables de gestion de la sécurité dans le cadre du Programme National de Sécurité de l'Aviation sont:

1º imiryango yemerewe gutanga inyigisho n'amahugurwa mu by'indege igihe ibikorwa byo mu ndege bishobora guteza umutekano muke mu gihe itanga serivisi zayo;

2º amakompanyi yemerewe gukoresha indege mu bucuruzi ku rwego mpuzamahanga;

3º imiryango yemerewe kwita ku buzima bw'indege itanga serivisi ku bakoresha indege cyangwa kajugujugu zikora ubucuruzi ku rwego mpuzamahanga;

4º abatanga serivisi ziyobora indege mu kirere;

5º abakoresha ibibuga by'indege byemewe;

6º abakoresha ku rwego mpuzamahanga indege nini n'indege za rutura;

7º abahanga mu guhanga indege n'abafite inganda zikora ibijyanye n'indege;

8º abandi bakora mu bijyanye n'indege Umuyobozi Mukuru yabona ari ngombwa.

**Ingingo ya 41: Imikorere y'indege zo mu mahanga**

Nta muntu wemerewe gukoresha indege yo mu mahanga mu Rwanda mu buryo bunyuranyije n'amabwiriza y'icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu

1º approved aviation training organisations that are exposed to safety risks related to aircraft operations during the provision of their services;

2º aircraft operators authorised to conduct international commercial air transport;

3º approved aircraft maintenance organizations providing services to operators of aeroplanes or helicopters engaged in international commercial air transport;

4º air traffic services providers;

5º certified aerodromes operators;

6º international general aviation operators of large or turbojet aeroplanes;

7° aircraft designers and manufacturers;

8° such other air navigation service providers as the Director General may deem necessary.

**Article 41: Foreign aircraft operations**

A person shall not operate a foreign aircraft in Rwanda in circumstances contrary to conditions of a foreign air operator certificate issued by the Director General.

1º les organisations de formation aéronautique agréées qui sont exposées aux risques de sécurité liés aux opérations d'aéronefs pendant la prestation de leurs services;

2º les exploitants d'aéronefs autorisés à effectuer le transport commercial international;

3º les organisations de maintenance agréées qui assurent des services aux exploitants d'avions et d'hélicoptères qui effectuent le transport commercial international;

4º les prestataires de services de la circulation aérienne;

5º les exploitants d'aérodromes certifiés;

6º les exploitants d'aviation générale internationale des avions lourds ou à turboréacteurs;

7° les concepteurs et fabricants d'aéronefs ;

8° toutes autres prestataires de services de navigation aérienne que le Directeur Général peut juger nécessaires.

**Article 41: Exploitation des aéronefs étrangers**

Personne ne peut exploiter un aéronef étranger au Rwanda dans des circonstances contraires aux conditions d'un permis d'exploitation aérienne étranger délivré par le Directeur Général.

kirere ku ndege zo mu mahanga yahawe n'Umuyobozi Mukuru.

Icyakora, nta cyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere ku ndege zo mu mahanga gisabwa kugira ngo indege yo mu mahanga inyure hejuru y'u Rwanda, igwe ku butaka bw'u Rwanda ku mpanvu za tekiniki cyangwa kugira ngo indege ya Leta y'ikindi gihugu ikoreshwe mu Rwanda.

Umuyobozi Mukuru atanga cyangwa akavugurura icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere ku ndege zo mu mahanga zikorera mu Rwanda akurikije ubusabe ashyikirijwe mu buryo no mu miterere yemeye ubwe.

**Ingingo ya 42: Ingendo zo mu kirere zidahoraho**

Indege yose y'inyamahanga itanga serivisi mpuzamahanga zo mu kirere ku buryo budahoraho, yemerewe gukora ingendo mu kirere cy'u Rwanda no guhagarara bitari ku mpamvu z'ubucuruzi, ariko ikaba ifite uruhushya rwihariye rutangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha kandi byubahirije ibikubiye muri urwo ruhushya.

**Ingingo ya 43: Ingendo mpuzamahanga zo mu kirere zihoraho**

Indege yose ikora ingendo mpuzamahanga zo mu kirere ku buryo buhoraho ntiyemerewe kunyura mu kirere cy'u Rwanda keretse igihe ifite uruhushya rwihariye rushingiye ku masezerano u Rwanda rufitanye n'igihugu iyo ndege yanditsemo cyangwa igihugu ikoreramo cyangwa urundi ruhushya rutangwa n'Umuyobozi Mukuru.

However, no foreign air operator certificate is required for foreign aircraft in order to fly over Rwanda, to land on Rwandan territory due to technical reasons or for a foreign State aircraft to operate in Rwanda.

The Director General, on receipt of an application submitted in the form and manner acceptable to him/her, issues or amends a Rwanda foreign air operator certificate.

**Article 42: Non-scheduled flights**

Any foreign aircraft engaged in non-scheduled international air services is permitted to make flights into Rwanda and to make stops for non-commercial purposes, provided that the aircraft holds a special permission issued by respective competent authorities and in accordance with the terms of such permission.

**Article 43: Scheduled international air services**

Every aircraft engaged in scheduled international air services is not permitted to operate in Rwanda, except under the agreement between Rwanda and the State of registry or the State of the operator or under authorisation issued by the Director General.

Toutefois, aucun permis d'exploitation aérienne étranger n'est requis pour un aéronef étranger pour que ce dernier survole le Rwanda, atterrisse sur le territoire du Rwanda en cas d'escale technique ou pour qu'un aéronef d'un État étranger opère au Rwanda.

Le Directeur Général délivre ou modifie, sur réception d'une demande présentée en la forme et de la manière qu'il juge acceptables, un permis d'exploitation aérienne étranger au Rwanda.

**Article 42: Vols non-réguliers**

Tout aéronef étranger qui n'assure pas des services aériens internationaux réguliers, est autorisé à effectuer des vols sur le territoire du Rwanda et y faire des escales non commerciales pourvu qu'il ait une autorisation spéciale accordée par des autorités respectives compétentes et conformément aux termes de ladite autorisation.

**Article 43: Services aériens internationaux réguliers**

Tout aéronef assurant des services aériens internationaux réguliers n'est autorisé à voler sur le territoire du Rwanda que sur base d'un accord entre le Rwanda et l'État de son immatriculation ou l'Etat de son exploitant ou en vertu d'une autorisation délivrée par le Directeur Général.

**Ingingo ya 44: Kwita ku buzima bw'indege**

Nyir'indege afite inshingano yo kwita ku buzima bw'indege n'ibindi bikoresho bikenerwa ku ndege kandi agakoresha iyo ndege cyangwa ibyo bikoresho mu buryo bwubahiriza iri tegeko n'amabwiriza ajyanye na ryo atangwa na Minisitiri cyangwa andi mabwiriza atangwa n'Umuyobozi Mukuru.

**Ingingo ya 45: Kohereza cyangwa kwakira umuzigo**

Umuntu wese wohereza cyangwa wakira umuzigo cyangwa igicuruzwa cyapakiwe kinyujijwe mu ndege zitwara ibicuruzwa, cyaba gituruka cyangwa kijyanywe mu Rwanda binyuze mu nzira y'ikirere ku rwego mpuzamahanga afite inshingano yo kohereza cyangwa kwakira uwo muzigo cyangwa igicuruzwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'andi mabwiriza ajyanye na ryo.

**Ingingo ya 46: Imikoreshereze y'indege, ibibuga by'indege n'ikirere cy'u Rwanda mu bihe by'amage cyangwa mu bihe by'imidugararo**

Iteka rya Minisitiri rigena imikoreshereze y'indege, ibibuga by'indege n'ikirere cy'u Rwanda mu bihe by'amage cyangwa mu bihe by'imidugararo byatangajwe ku buryo bwemewe n'amategeko. Iryo teka rishobora gutegeka ko ibibuga by'indege bikoreshwa na serivisi za gisirikare iyo bibaye ngombwa.

**Article 44: Maintenance of an aircraft**

Every aircraft owner has the obligation to ensure the maintenance of the aircraft and other aviation equipment and use the aircraft or equipment in accordance with this Law and other related regulations issued by the Minister or the Director General.

**Article 45: Sending or receiving luggage**

Any person sending or receiving luggage or cargo for commercial air transport, whether originating or arriving in international flights to or from Rwanda, has the obligation to send or receive the luggage or cargo in accordance with provisions of this Law and related regulations.

**Article 46: Use of aircraft, aerodromes and Rwanda airspace during the state of siege or state of emergency**

An Order of the Minister determines the use of aircraft, aerodromes and Rwanda airspace during the state of siege or in a state of emergency officially announced. The Order may also instruct that aerodromes be operated by military services if necessary.

**Article 44: Entretien d'un aéronef**

Le propriétaire de l'aéronef a l'obligation de faire l'entretien de l'aéronef et de tous les équipements d'aviation et d'en assurer l'usage conformément à la présente loi et aux autres règlements y relatifs émis par le Ministre ou le Directeur Général.

**Article 45: Envoi ou réception de bagage**

Toute personne qui envoie ou reçoit par voie de transport aérien commercial un bagage ou une marchandise, qu'il soit en provenance ou à destination du Rwanda dans le cadre des vols internationaux, doit l'envoyer ou le recevoir conformément aux dispositions de la présente loi et d'autres règlements y relatifs.

**Article 46: Utilisation d'aéronefs, aérodromes et espace aérien du Rwanda pendant l'état de siège ou état d'urgence**

Pendant l'état de siège ou état d'urgence officiellement décrété, un arrêté du Ministre règlemente l'utilisation d'aéronefs, d'aérodromes et de l'espace aérien du Rwanda. Cet arrêté peut également ordonner que les aérodromes soient utilisés par les services militaires.

**Ingingo ya 47: Inshingano z'uwemerewe gukoresha indege**

Umuntu wese wemerewe gukoresha indege afite inshingano zo gukora no gutuma hakorwa igenzura, kwita ku ndege, kuyikorera isuzuma ryimbitse, gusana ibikoresho byose byifashishwa mu by'indege za gisivili no kugenzura ko imirimo yakozwe yakurikije iri tegeko, amabwiriza n'amateka bifitanye isano na ryo.

**Ingingo ya 48: Inshingano z'umuntu ufite icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere**

Umuntu wese ufite icyemezo cy'ubwikorezi bwo mu kirere afite inshingano yo kugenzura ko kwita ku ndege n'ibikorwa bye bikorwa mu nyungu rusange kandi hakurikijwe ibisabwa n'iri tegeko, amabwiriza ajyana na ryo n'ibipimo ngenderwaho mu bya tekiniki byatanzwe n'Umuyobozi Mukuru hakurikijwe iri tegeko.

**Ingingo ya 49: Inshingano z'umuntu ufite icyemezo cy'abatwara indege mu kirere**

Umuntu wese ufite icyemezo cyo gutwara indege mu kirere afite inshingano yo gukurikiza no kubahiriza ibyo yemerewe n'Ikigo n'ibyo atemerewe biteganywa n'icyo cyemezo, ibisabwa n'iri tegeko, amabwiriza afitanye isano na ryo, ibipimo ngenderwaho mu bya tekiniki byatanzwe hakurikijwe iri tegeko.

**Article 47: Obligations of an operator**

Every operator has a duty to make or cause to be made an inspection, maintenance, overhaul, repair of all equipment used in civil aviation and to ensure that the operations carried out are in accordance with this Law, related regulations and orders.

**Article 48: Obligations of a person holding an air operator certificate**

Every person holding an air operator certificate has a duty to ensure that the maintenance of aircraft and his/her operations are conducted in the public interest and in accordance with the requirements of this Law, related regulations and technical standards issued under this Law by the Director General.

**Article 49: Obligations of a person holding an airman certificate**

Every person holding an airman certificate has a duty to observe and comply with the Authority and limitations of that certificate, the requirements of this Law, related regulations and technical standards issued under this Law.

**Article 47: Obligations d'un exploitant**

Chaque opérateur a le devoir de faire ou de faire faire une inspection, l'entretien, la révision et la réparation de tous les équipements utilisés dans l'aviation civile et de s'assurer que les opérations effectuées sont conformes à la présente loi, aux règlements et arrêtés y afférents.

**Article 48: Obligations d'une personne titulaire d'un permis d'exploitation aérienne**

Chaque personne titulaire d'un permis d'exploitation aérienne a l'obligation de veiller à ce que l'entretien d'un aéronef et de ses opérations soient effectués dans l'intérêt général et conformément aux exigences de la présente loi, des règlements y afférents et des normes techniques formulées en vertu de la présente loi par le Directeur Général.

**Article 49: Obligations d'une personne titulaire d'un certificat d'aviateur**

Chaque personne titulaire d'un certificat d'aviateur a le devoir d'observer et de se conformer à l'Office et aux limitations de ce certificat, aux exigences de la présente loi, des règlements y afférents et aux normes techniques établies en vertu de la présente loi.

**Ingingo ya 50: Inshingano z'ukora ibijyanye n'iby'indege za gisivili**

Umuntu wese ukora ibijyanye n'iby'indege za gisivili afite inshingano yo gukurikiza no kubahiriza ibisabwa n'iri tegeko, amabwiriza n'ibipimo ngenderwaho mu bya tekiniki bifitanye isano na ryo byatanzwe hakurikijwe iri tegeko ku birebana n'inshingano ze.

**Ingingo ya 51: Ubwikorezi bw'ibicuruzwa byangiza mu ndege**

Buri muntu wese utanga cyangwa wemera ibicuruzwa, imizigo cyangwa imitwaro hagamijwe ubwikorezi bw'ibicuruzwa mu kirere, byaba ari ibikomotse cyangwa ibizanywe n'ingendo mpuzamahanga zo mu kirere bijya cyangwa biva mu Rwanda, cyangwa mu ngendo zo mu Rwanda, afite inshingano zo guha cyangwa kwakira ibyo bicuruzwa, imizigo cyangwa imitwaro hakurikijwe ibiteganywa n'Umugereka wa 18 w'Amasezerano Mpuzamahanga mu by'Indege za Gisivili n'Amabwiriza mu bya Tekiniki y'Umuryango Mpuzamahanga mu by'Indege za Gisivili hagamijwe Umutekano w'Ubwikorezi bwo mu Kirere ku Bicuruzwa byangiza.

**Ingingo ya 52: Inshingano za nyir'indege cyangwa ukoresha indege yanditswe mu Rwanda**

Nyir'indege cyangwa ukoresha indege yanditswe mu Rwanda agomba kugenzura ko iyo ndege, yaba iri ku butaka cyangwa mu kirere cy'ibindi bihugu byashyize umukono ku Masezerano, ifite ibyuma

**Article 50: Obligations of a person performing duties in civil aviation**

Every person performing duties in civil aviation has a duty to observe and comply with the requirements of this Law, related regulations and technical standards issued under this Law relating to his/her tasks.

**Article 51: Transportation of dangerous goods by air**

It is the duty of every person who offers or accepts shipments, cargo or baggage for commercial air transport, whether originating or arriving in international flights to or from Rwanda, or for flights within Rwanda, to offer or accept such shipments, cargo or baggage in accordance with the provisions of Annex 18 to the Convention on International Civil Aviation and the Technical Instructions for the Safe Transport of Dangerous Goods by Air.

**Article 52: Obligations of the owner or operator of an aircraft registered in Rwanda**

The owner or operator of an aircraft registered in Rwanda must, in or over the territory of other contracting States, ensure that the aircraft carries radio transmitting apparatus only if a license to

**Article 50: Obligations d'une personne exerçant des fonctions dans l'aviation civile**

Toute personne exerçant des fonctions dans l'aviation civile a l'obligation d'observer et de se conformer aux exigences de la présente loi, aux règlements et aux normes techniques y afférents en vertu de la présente loi relatifs à ses tâches.

**Article 51: Transport aérien de marchandises dangereuses par aéronef**

Il est du devoir de toute personne qui offre ou accepte des expéditions, cargaison ou bagage pour le transport aérien commercial, qu'elle soit originaire ou en provenance de vols internationaux à destination ou en provenance du Rwanda, ou pour des vols au Rwanda, pour offrir ou accepter ces expéditions, cargaison, ou bagage conformément aux dispositions de l'annexe 18 de la Convention relative à l'aviation civile internationale et des Instructions techniques pour la sécurité du transport aérien en toute sécurité des marchandises dangereuses.

**Article 52: Obligations du propriétaire ou de l'exploitant de l'aéronef immatriculé au Rwanda**

Le propriétaire ou l'opérateur de l'aéronef immatriculé au Rwanda doit s'assurer que l'aéronef, dans ou sur le territoire d'autres États contractants, transporte des appareils émetteurs de

by'ihererekanyamakuru rya radiyo igihe uruhushya rwo gushyiramo no gukoresha ibyo byuma rwatanzwe n'urwego rw'Igihugu rufite mu nshingano kugenzura inzego zimwe z'imirimo ifitiye Igihugu akamaro mu Rwanda.

Imikoreshereze y'ibyuma byo guhererekanya amakuru hakoreshejwe radiyo mu kirere cy'Igihugu cyashyize umukono ku Masezerano kinyuzwemo n'iyo ndege igomba kubahiriza amabwiriza yagenwe n'icyo gihugu.

**<u>Ingingo ya 53</u>: Inshingano z'ukorerwa igenzura**

Nyir'ahantu cyangwa ucunga ahantu hakorerwa igenzura n'umuntu wese uri aho rikorerwa bagomba:

1º guha Umuyobozi Mukuru cyangwa umuhagarariye ubufasha bwose bukenewe mu gukora igenzura no gukoresha ububasha ahabwa;

2º guha Umuyobozi Mukuru cyangwa umuhagarariye amakuru y'ingenzi ajyanye n'iri tegeko cyangwa amabwiriza afitanye isano naryo.

install and operate such apparatus has been issued by the agency responsible for regulating public utilities in Rwanda.

The use of radio transmitting apparatus in the territory of the contracting State whose territory is flown over must comply with the regulations prescribed by that State.

**<u>Article 53</u>: Obligation of the person under inspection**

The owner or person who is in control of the place that is under inspection and any other person found in the same place must:

1º give the Director General or his/her proxy all the required assistance to enable him/ her to carry out the inspection or audit and to exercise the power conferred on him/ her;

2º provide the Director General or his/her proxy with any information relevant to the administration of this Law or related regulations.

radio que si une licence d'installation et d'exploitation de cet appareil a été délivrée par l'agence chargée de réglementer les services d'utilité publique au Rwanda.

L'utilisation d'appareils émetteurs de radio sur le territoire de l'État contractant dont le territoire est survolé doit être conforme aux règlements prescrits par cet État.

**<u>Article 53</u>: Obligation de la personne sous l'inspection**

Le propriétaire ou le responsable du lieu visité pour des raisons d'inspection ainsi que toute personne qui s'y trouve doivent:

1º accorder au Directeur Général ou à son délégué toute assistance possible pour lui permettre de faire l'inspection ou l'audit et d'exercer le pouvoir qui lui est conféré;

2º fournir au Directeur Général ou à son délégué les informations appropriées à l'application de la présente loi ou des règlements y relatifs.

## UMUTWE WA VI: IPEREREZA KU MPANUKA Z'INDEGE

### Ingingo ya 54: Ububasha bwo gukora iperereza ku mpanuka z'indege

Minisitiri afite inshingano n'ububasha byo gukora cyangwa gukoresha, binyuze mu buryo bw'amasezerano cyangwa mu bundi buryo, iperereza ku mpanuka z'indege zabereye mu Rwanda no ku ndege z'u Rwanda zigiriye impanuka mu gice kitagenzurwa n'ikindi gihugu kugira ngo hamenyekane uburyo buri mpanuka yabayemo n'impamvu yaba yayiteye.

Mu gushyira mu bikorwa ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya Ministeri ifite iby'indege za gisivili mu nshingano zayo igomba kubamo Ishami rishinzwe iperereza ku mpanuka z'indege.

Igihe habaye impanuka y'indege, Umuyobozi w'Ishami rishinzwe iperereza ku mpanuka z'indege agena umuntu ushinzwe iperereza kandi agahita atangira izo nshingano.

Minisitiri afite inshingano zo gutanga cyangwa kwifatanya n'abayobozi bireba kugira ngo borohereze Ishami rishinzwe iperereza ku mpanuka z'indege kubona amafaranga ahagije yo gukoresha mu iperereza riboneye ku mpanuka z'indege n'ibindi byabaho bijyanye n'inshingano ze.

## CHAPTER VI: AIRCRAFT ACCIDENTS AND INCIDENTS INVESTIGATION

### Article 54: Powers to conduct aircraft accidents and incidents investigation

The Minister is responsible for and vested with powers to investigate, or arrange by contract or otherwise for the investigation on aircraft accidents and incidents occurring in Rwanda and civil aircraft registered in Rwanda occurring outside the territory of any other country for the purpose of determining the facts, conditions and circumstances relating to each accident or incident and the probable cause.

In implementing the provisions of Paragraph One of this Article, the organizational structure of the Ministry in charge of civil aviation includes an Aviation Accident Investigation Division responsible for aircraft accidents or incidents investigations.

In case of an aircraft accident or incident, the Head of Aviation Accident Investigation Division designates the investigator-in-charge who assumes the task of initiating the investigations immediately.

The Minister is responsible for providing or arranging with relevant authorities to enable Aviation Accident Investigation Division to have ready access to sufficient funds for the proper investigation of aircraft accidents and incidents which fall within his or her responsibility.

## CHAPITRE VI: ENQUÊTE SUR ACCIDENTS ET INCIDENTS D'AERONEF

### Article 54: Pouvoirs de mener une enquête sur les accidents et incidents d'aéronef

Le Ministre a la responsabilité et le pouvoir de mener ou comanditer au moyen d'un contrat ou tout autre moyen, une enquête sur les accidents et incidents d'aéronefs se produisant au Rwanda et d'aéronefs enregistrés au Rwanda se produisant hors du territoire de tout pays étranger, dans le but de déterminer les faits, les conditions et les circonstances de chaque accident ou incident d'aéronef et sa cause probable.

Dans la mise en application des dispositions de l'alinéa premier du présent article, le cadre organique du Ministère ayant l'aviation civile dans ses attributions doit comporter une Division des Enquêtes sur les accidents ou incidents d'aéronefs.

En cas d'accident ou d'incident d'aéronef, le Chef de la Division des Enquêtes sur les accidents d'aéronefs désigne l'enquêteur à cet effet qui, immédiatement, commence l'enquête.

Le Ministre est chargé de fournir ou de s'organiser avec les autorités compétentes pour permettre la Division des enquêtes sur les accidents d'aéronefs d'avoir accès à des fonds suffisants pour mener une enquête appropriée sur les accidents et incidents d'aéronefs relèvant de ses attributions.

**Ingingo ya 55: Intego y'iperereza ku mpanuka y'indege**

Intego imwe rukumbi ituma hakorwa iperereza ku mpanuka y'indege igomba kuba iyo gukumira impanuka. Iki gikorwa ntikiba kigamije kugaragaza amakosa cyangwa abayagizemo uruhare.

Iperereza ryose ku mpanuka y'indege rigomba gutandukanywa n'ikurikirana ryo mu nkiko cyangwa iryo mu rwego rw'ubutegetsi.

Abakora iperereza ryose ku mpanuka y'indege bagira uburenganzira busesuye ku bimenyetso byose igihe bikenewe hatabayeho ubukererwe.

**Article 55: Objective of the investigation of an aircraft accident or incident**

The sole objective of the investigation of an aircraft accident or incident must be the prevention of accidents and incidents. The purpose of this activity is not to apportion blame or liability.

Any investigation on an aircraft accident or incident must be separated from any judicial or administrative proceedings.

Persons conducting investigations on an aircraft accident or incident have unrestricted access to all evidential material whenever required without delay.

**Article 55: Objectif de l'enquête sur un accident ou incident d'aéronef**

L'enquête sur un accident ou incident d'aéronef doit avoir pour seul objectif de prévenir de futurs accidents ou incidents. L'enquête ne vise ni la détermination des fautes ni celle des responsabilités.

Toute enquête sur un accident ou incident d'aéronef doit être distincte de toute autre action judiciaire ou administrative.

Les personnes menant une enquête sur un accident ou incident d'aéronef ont accès sans restriction et sans délai à tous les éléments de preuve.

**Ingingo ya 56: Kumenyekanisha bitegetswe impanuka y'indege**

Nyir'indege, uyikoresha, umupilote, undi mu bakora mu ndege bayitwara cyangwa undi muntu utanga serivisi iyobora indege mu kirere uzi ku buryo butaziguye iby'impanuka y'indege agomba kubimenyesha bidatinze Minisitiri kandi akavuga n'ubwoko bw'impanuka yabaye.

**Article 56: Mandatory reporting of an aircraft accident or incident**

The owner, operator, pilot-in-command, a crew member of the aircraft or any person who provides air traffic services who has direct knowledge of aircraft accident or incident must, with details on the nature of the accident or incident and without delay, report the accident or incident to the Minister.

**Article 56: Déclaration obligatoire d'un accident ou d'un incident d'aéronef**

Le propriétaire de l'aéronef, son utilisateur, le commandant de bord, tout membre d'équipage d'un aéronef ainsi que toute personne dispensant des services de la circulation aérienne qui constate un accident ou un incident de l'aéronef doit le communiquer sans délai au Ministre en fournissant les détails sur la nature de l'accident ou l'incident.

**Ingingo ya 57: Uburyo bwo gutanga amakuru ku bushake ku mpanuka y'indege**

Umuntu wese wamenye ko habaye impanuka y'indege, ku bushake bwe, atanga amakuru abona ko

**Article 57: Voluntary reporting system on aircraft accident or incident**

Any person having knowledge of an occurrence of the aircraft accident or incident voluntarily reports

**Article 57: Système de déclaration volontaire sur un accident ou incident d'aéronef**

Toute personne ayant connaissance de la survenance d'un accident ou de l'incident de l'aéronef doit rapporter volontairement toute

ari ingirakamaro ku Ishami rishinzwe gukora iperereza ku mpanuka y'indege.

Iyo umuntu atanze amakuru, hakurikijwe igika cya mbere cy'iyi ngingo, Ishami rishinzwe gukora iperereza ku mpanuka y'indege, rigomba kwirinda ko umwirondoro we umenywa n'umuntu uwo ari we wese mu ikurikiranwa mu bijyanye n'amategeko, imyitwarire cyangwa irindi kurikirana.

Gutanga amakuru ku bushake ku mpanuka y'indege ntibihanirwa kandi ahakomotse amakuru yatanzwe hararindwa.

**<u>Ingingo ya 58:</u> Kubika no kubungabunga ibimenyetso bijyanye n'impanuka y'indege**

Umuntu wese ufite cyangwa ugenzura ibimenyetso bijyanye n'impanuka y'indege agomba kubibika no kubibungabunga, keretse igihe ushinzwe iperereza ku mpanuka y'indege abitegetse ukundi.

Ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibibuza umuntu uwo ari we wese kuba yakora cyangwa yafata icyemezo gikwiye mu kurengera abantu, ibintu cyangwa ibidukikije.

Icyakora, umuntu wese ugiye gufata icyemezo kivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo agomba kubanza kubika ibimenyetso bijyanye n'impanuka y'indege akoresheje uburyo bwiza mu buhari akanagira inama Ministiri y'ikigomba gukorwa.

any information that they believe to be relevant to the Aviation Accident Investigation Division.

If a person makes a report as provided in Paragraph One of this Article to the Aviation Accident Investigation Division, his/her identity shall be protected against any legal, disciplinary or other proceedings.

The Voluntary Incident reporting system is non-punitive and the sources of the information are protected.

**<u>Article 58:</u> Keeping and preservation of evidences relating to aircraft accident or incident**

Every person who possesses or who is in control of evidences relating to an aircraft accident or incident must keep and preserve the evidence unless an investigator in – charge instructs otherwise.

Provisions of Paragraph One of this Article shall not prevent any person from taking necessary measures to ensure the safety of any person, property or the environment.

However, any person who takes the measures referred to in Paragraph 2 of this Article must, to the extent possible in the circumstances and before taking those measures, record the evidence relating to aircraft accident or incident by the best means

information qu'elle estime pertinente à la Division des enquêtes sur les accidents de l'aviation.

Si une personne rapporte, en vertu de l'alinéa premier du présent article, à la Division des enquêtes sur les accidents de l'aviation, son identité est protegée contre toute procédure légale, disciplinaire ou toute autre procédure.

Le système de déclaration volontaire des incidents est non punitif et que les sources de l'information sont protégées.

**<u>Article 58:</u> Conservation et préservation des preuves relatives à un accident ou un incident d'aéronef**

Toute personne qui possède ou contrôle des preuves relatives à un accident ou un incident d'aéronef doit en assurer la conservation, sauf instruction contraire du chargé de l'enquête.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article n'ont pas pour effet d'empêcher la prise des mesures qui s'imposent pour assurer la sécurité des personnes, des biens ou de l'environnement.

Toutefois, avant de prendre les mesures mentionnées à l'alinéa 2 du présent article, la personne doit conserver les preuves relatives à un accident ou un incident d'aéronef par le meilleur moyen disponible selon que les circonstances le

available and advise the Minister actions to be taken.

permettent et donne conseils au Ministre sur des dispositions à prendre.

**Ingingo ya 59: Gukora iperereza ku mpanuka y'indege**

Mu kuzuza inshingano zabo zijyanye n'iperereza ku mpanuka z'indege, abakozi b'Ishami rishinzwe gukora iperereza ku mpanuka z'indege ntibahabwa amabwiriza n'Ikigo cyangwa undi wese ubifitemo inyungu.

Iperereza ku mpanuka z'indege rirangwa no:

1º guhuriza hamwe, kubika no gusesengura amakuru yose ya ngombwa yerekeye impanuka;

2º kubungabunga bimwe mu byagaragajwe n'igenzura ku mpanuka;

3º gutanga inama mu bijyanye n'umutekano igihe bibaye ngombwa;

4º kugaragaza impamvu y'impanuka mu gihe bishoboka;

5º gukora raporo ya nyuma.

**Article 59: Conducting investigations on aircraft accident or incident**

In fulfilling aircraft accident or incident investigation duties, staff members of Aviation Accident Investigation Division shall not be subject to any instruction from the Authority or any other interested party.

Aircraft accident or incident investigations include:

1º gathering, recording and analysis of all relevant information on the accident or incidents;

2º protection of certain accident or incident investigation records;

3º issuance of safety recommendations, where appropriate;

4º causes of the accident or incident, where necessary;

5º the final and complete report.

**Article 59: Mener l'enquête sur un accident ou un incident d'aéronef**

Dans l'accomplissement de leurs missions en matière des enquêtes sur les accidents de l'aviation, le personnel de la division des enquêtes sur les accidents de l'aviation ne sont pas soumis à aucune instruction de l'Office ou de toute autre partie intéressée.

L'enquête sur l'accident ou l'incident d'aéronef comprend:

1º la collecte, l'enregistrement et l'analyse de tous les renseignements pertinents sur l'accident ou sur l'incident en question;

2º la protection de certains éléments d'enquête sur les accidents ou les incidents;

3º la formulation des recommandations sur la sécurité, en cas de besoin;

4º la détermination des causes de l'accident, en cas de besoin;

5º le rapport final établi.

**Ingingo ya 60: Uburenganzira n'inshingano by'abakora iperereza ku mpanuka y'indege**

Abakora iperereza ku mpanuka y'indege bafite uburenganzira n'inshingano bikurikira:

1º kugera nta nkomyi aho impanuka y'indege yabereye, kugenzura aho impanuka yabereye n'aho ibisigazwa byayo byaba biri hose;

2º kugera nta nkomyi ku bikoresho byose bijyanye n'iperereza ku mpanuka, ku bimenyetso, inyandiko harimo n'amajwi yafashwe na serivisi iyobora indege mu kirere n'ibikoresho byifashishijwe mu kuyafata no kubigenzura;

3º gukora isesengura ryimbitse mu kugenzura ibikoresho cyangwa ibimenyetso hatabayeho kubatinza cyangwa kwivanga mu kazi kabo;

4º kudatangaza ibimenyetso mu gihe bitari mu rwego rw'iperereza ku mpanuka, keretse urwego rw'ubuyobozi mu butabera rugaragaje ko kudatangaza ibyo bimenyetso byagira ingaruka mbi ku rwego rw'Igihugu cyangwa ku rwego mpuzamahanga cyangwa ku bindi bikorwa bijyanye n'iryo perereza cyangwa irizakorwa mu gihe kizaza birimo:

a. inyandikomvugo yose yafashwe mu gihe cy'iperereza;

**Article 60: Rights and obligations of investigators on aircraft accidents or incidents**

The investigators have the following rights and obligations:

1º uninterrupted access and control over an aircraft accident site and any wreckage thereon;

2º uninterrupted access and control over all relevant accident or incident investigation materials, evidence, documents, including air traffic service recordings and recorders;

3º to conduct detailed examination and testing of relevant material or evidence without delay or interference;

4º non- disclosure of evidence if not in the context of investigations of the accident, unless any appropriate judicial authority determines that the non-disclosure may have adverse effects at domestic or international level or on any other actions related to current or future investigations. Such records include:

a. any statement taken during the course of investigations;

**Article 60: Droits et obligations des enquêteurs d'accidents ou incidents d'aéronef**

Les enquêteurs ont les droits et les obligations ci-après:

1º libre accès et contrôle sur le site d'un accident d'aviation et toute épave qui s'y trouve;

2º libre accès et contrôle sur tous les éléments, indices matériels, documents utiles pour l'enquête sur l'accident ou sur l'incident, y compris les services de la circulation aérienne, les enregistrements et les enregistreurs ;

3º procéder à un examen détaillé et à des tests sur tous les éléments ou les indices matériels pertinents, sans délai ou ingérence;

4º ne pas révéler certaines constatations à des fins autres que celles de l'enquête sur l'accident ou l'incident, à moins que l'autorité chargée de l'administration de la justice ne détermine que leur communication importe plus que les incidences négatives que cette mesure risque d'avoir, au niveau national ou international, sur l'enquête ou toute enquête ultérieure. Ces éléments comportent notamment:

a. toute déclaration obtenue au cours de l'enquête;

b. itumanaho ryose ryakozwe hagati y'abantu bagize uruhare mu kuguruka kw'indege;

c. amakuru ajyanye n'ubuzima n'amakuru bwite y'abantu bose bakoze impanuka;

d. isesengura ry'ibiganiro hagati y'abapilote n'inyandiko z'ibyo biganiro;

e. isesengura ry'ibiganiro n'inyandiko z'ibyo biganiro mu rwego ruyobora indege;

f. isesengura ry'amashusho n'amajwi byafashwe mu gihe indege iguruka n'ibindi bijyanye nayo;

g. ibitekerezo byatanzwe mu isesengura ry'amakuru harimo n'agafatamajwi k'indege;

h. ibimenyetso ibyo aribyo byose bitajyanye n'isesengura ry'impanuka.

Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere, agace ka 4° k'iyi ngingo, abakora iperereza ku mpanuka y'indege bagomba kandi kurinda indege cyangwa ibisigazwa byayo hamwe n'ahabereye impanuka kugerwaho n'abantu batabyemerewe, abashobora kubyiba cyangwa kubyangiza.

b. any communication between persons involved in the operation of the aircraft;

c. medical or private information of all persons involved in the accident or incident;

d. cockpit voice recordings and transcripts from such recordings;

e. recordings and transcriptions of recordings of air traffic control units;

f. cockpit airborne image recordings and any part or transcripts from such recordings;

g. opinions expressed in the information analysis including flight recorder information;

h. any records not relevant to accident or incident analysis.

Subject to provisions of Paragraph One, item 4° of this Article, investigators also protect the aircraft or wreckage as well as the accident site against access unauthorized persons, pilfering or deterioration.

b. toute communication entre les personnes qui ont participé à la manipulation de l'aéronef;

c. les renseignements d'ordre médical ou privé sur les personnes impliquées dans l'accident ou dans l'incident;

d. les enregistrements de conversations dans la cabine de pilotage et transcriptions de ces enregistrements;

e. les enregistrements et transcriptions d'enregistrements provenant d'organes de contrôle de la circulation aérienne;

f. les enregistrements d'images du poste de pilotage pendant le vol et toute partie ou transcription de ces enregistrements;

g. les opinions exprimées dans l'analyse d'informations, y compris les informations provenant d'enregistreurs de bord;

h. toute constatation non pertinente à l'analyse de l'accident ou l'incident.

Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier, point 4° du présent article, les enquêteurs doivent protéger également l'aéronef ou l'épave ainsi que le lieu de l'accident contre l'accès par des personnes non autorisées, le chapardage ou la détérioration.

**Ingingo ya 61: Amajwi yafashwe igihe indege iguruka**

Ukora iperereza ku mpanuka y'indege agomba guhabwa ibiganiro byose byo mu ndege bijyanye n'iperereza riri gukorwa igihe cyose abisabye ku mpamvu z'iperereza.

Ukora iperereza ku mpanuka y'indege ashobora gukoresha ibiganiro byo mu ndege yabonye, igihe abona ko bikenewe mu rwego rw'umutekano w'indege, ariko ntiyemerewe kugira n'umwe abimenyesha nkana cyangwa kwemera ko uwo muntu yamenyeshwa bimwe muri byo bidafite aho bihuriye n'impamvu cyangwa ibyateye impanuka ikorwaho iperereza cyangwa no gutahura ibyateje umutekano muke.

**Ingingo ya 62: Kubuza abantu kugera ahabereye impanuka y'indege**

Mu rwego rwo gusigasira no kurinda ikintu cyose gifite aho gihuriye n'impanuka y'indege, ukora iperereza ku mpanuka y'indege ashobora kubuza ko abantu bagera ahabereye impanuka y'indege mu gihe runaka abona ko ari ngombwa kugira ngo hakorwe iperereza.

Nta muntu wemerewe kwinjira ahantu hakorerwa iperereza ku mpanuka y'indege binyuranyije n'ibivugwa mu gika cya mbere.

**Article 61: On-board recordings**

The investigator must be given all on-board recordings that relate to the aircraft accident under investigations at any time he or she requests for them for purposes of investigations.

The investigator may use any obtained on-board recordings as he/she considers necessary in the interests of aviation safety, but shall not knowingly communicate or permit to be communicated to anyone, any portion thereof that is not related to the causes or contributing factors of the accident under investigations or to the identification of safety deficiencies.

**Article 62: Limitation of access**

An investigator may, for purposes of preserving and protecting anything involved or likely to have been involved in an accident, immediately prohibit or limit access to the area surrounding the place at which the thing is located for such a period as is necessary for the purposes of investigations.

A person shall not knowingly, enter an area in contravention of a prohibition or limitation of access pursuant to Paragraph One of this Article.

**Article 61: Enregistrements de bord**

L'enquêteur doit avoir accès à tous les enregistrements de bord relatifs à un accident faisant l'objet d'une enquête à tout moment qu'il en fait la demande dans le cadre de l'enquête.

L'enquêteur peut utiliser les enregistrements de bord obtenus, s'il le juge nécessaire dans l'intérêt de la sécurité d'aviation, mais il ne peut sciemment communiquer ou laisser communiquer les parties de ces enregistrements à toute personne qui n'a aucun rapport avec les causes et les facteurs qui ont influencé l'accident faisant l'objet de l'enquête ou avec l'identification des manquements à la sécurité.

**Article 62: Limitation d'accès**

Un enquêteur peut, en vue de préserver et de protéger tout ce qui est impliqué ou susceptible d'être impliqué dans un accident, interdire ou limiter immédiatement l'accès à la zone entourant le lieu où se trouve la chose pendant la période nécessaire pour les enquêtes.

Il est interdit de pénétrer dans la zone d'enquêtes en violation des dispositions de l'alinéa premier du présent article.

**Ingingo ya 63: Ububasha bwo kwinjira, gufatira no kugumana ibimenyetso**

Iyo ukora iperereza ku mpanuka y'indege abona ko hari impamvu zifatika ko ahantu hari cyangwa hashobora kuba hari ikintu gishobora gutuma hakorwa iperereza, ashobora kuhinjira no kuhasaka aho hantu ashakisha icyo kintu no gufatira ikintu cyose asanze gishobora kuba gifitanye isano n'iperereza.

Ukora iperereza ku mpanuka y'indege ntiyemerewe kwinjira no gusaka ahantu havugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo atabiherewe uburenganzira n'umuntu ucunga aho hantu keretse iyo ukora iperereza ku mpanuka y'indege afite icyangombwa gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 64: Ububasha bwo guhabwa amakuru**

Ukora iperereza ku mpanuka y'indege, ashobora, nyuma yo kubimenyesha mu nyandiko uwo bireba, gukora ibi bikurikira:

1º gusaba umuntu kumuha amakuru cyangwa kumusaba ko babonana hagakorwa inyandikomvugo, kumusaba ko arahirira ko amakuru atanze ari ukuri no kugumana kopi y'ayo makuru cyangwa agakuramo ayo abona ko ari ngombwa ku iperereza;

2º gusaba umuntu wagize uruhare ruziguye cyangwa rutaziguye mu ikoreshwa ry'indege gukoresha ibizamini by'ubuzima mu gihe cyose afite

**Article 63 Powers to enter, seize and retain evidence**

In case the investigator believes beyond reasonable doubt that there is or is likely to be any object that may prompt the conduct of an investigation, may enter and search that place for the object and seize anything that is found in the place that may be linked with the investigation.

The investigator shall not exercise the powers referred to in paragraph One of this Article in relation to a particular place without the consent of the person apparently in charge of that place unless those powers are so exercised in relation to that place under the authority of a search warrant.

**Article 64: Power of access to information**

The aircraft investigator may, after informing the concerned person, do the following:

1º to require the person to give him or her the information or to arrange for an appointment to seek a statement, and require him or her to take oath to affirm that the information so provided is true, and make copies of or take such extracts from the information as he or she considers necessary for the purposes of the investigations;

2º to require a person who was directly or indirectly involved in the operation of an aircraft, to seek medical examination at any time he or she

**Article 63: Pouvoirs d'entrée, de saisie et de rétention des preuves**

Dans le cas où l'enquêteur croit, pour des motifs raisonnables, qu'il existe ou est susceptible d'avoir un objet quelconque dans un endroit qui peut suggérer la conduite d'une enquête peut entrer et fouiller ce lieu et y saisir tout ce qui peut être lié à l'enquête.

L'enquêteur ne peut procéder à la fouille et à la saisie mentionnées à l'alinéa premier du présent article sans le consentement de la personne apparemment responsable du lieu en cause, sauf s'il est muni d'un mandat de perquisition émis par l'autorité compétente.

**Article 64: Pouvoir d'accéder aux informations**

L'enquêteur qui fait enquête sur l'accident d'un aéronef peut, après en avoir averti l'intéressé par écrit, procéder à ce qui suit:

1º exiger une personne de lui donner des renseignements ou lui demander d'avoir un entretien avec lui et faire des déclarations, sous prestation de serment s'il le lui demande et faire copies des renseignements reçus ou en extraire les éléments qu'il juge être essentiels à l'enquête;

2º obliger toute personne participant, directement ou indirectement, à l'exploitation d'un aéronef,

ibimenyetso bidashidikanywaho ko ibyo bizamini by'ubuzima bikenewe cyangwa bishobora gukenerwa mu iperereza;

3º gusaba umuganga cyangwa undi muntu ukora mu mwuga w'ubuganga gutanga amakuru ajyanye n'ubuzima, mu gihe atekereza ku buryo budashidikanywaho ko uwo muganga cyangwa undi ukora mu mwuga w'ubuganga afite amakuru ku murwayi yafasha mu iperereza;

4º gusaba umuntu ufite umurambo cyangwa ibice by'umubiri by'uwapfuye kwemera ko ukorerwa isuzumwa cyangwa ibizamini byo kwa muganga mu gihe akeka ku buryo budashidikanywaho ko gusuzuma uwo murambo cyangwa ko ibyagaragazwa n'isuzumwa ry'ibice by'umubiri by'uwapfuye byafasha cyangwa bishobora gufasha mu iperereza.

Ibizamini bivugwa mu gace ka 4º k'iyi ngingo, ntibirimo kubagwa, gutoborwa umubiri, guterwa imiti cyangwa ibindi bintu mu mubiri.

**<u>Ingingo ya 65</u>: Ubuhamya bw'uwakoze iperereza ku mpanuka y'indege**

Uretse ku byakorewe imbere y'ukora ibizamini byo kwa muganga cyangwa ku iperereza ryakozwe na we, uwakoze iperereza ku mpanuka y'indege ntafite ububasha bwo kuba umutangabuhamya cyangwa uhatirwa gutanga ubuhamya bidategetswe ku

believes on reasonable grounds that the medical examination is, or may be, required in the investigations;

3º to require the physician or any other medical practitioner to provide him or her with medical information, where he or she believes on reasonable grounds that the physician or any other medical practitioner has the information concerning the patient which may be relevant to investigations;

4º to require the person having custody of the corpse or the remains of the deceased permit the performance of an autopsy or medical examination if the investigator believes on reasonable grounds that the performance of such autopsy or medical examination on the corpse or on the remains of the deceased may be relevant in the course of investigations.

Medical examinations provided for in item 4º of this Article do not include surgery, perforation of the skin or any external tissue or the entry into the body of any drug or foreign substance.

**<u>Article 65</u>: Testimony of investigators on aircraft accidents or incidents**

Except for proceedings conducted before a medical examiner or investigations he or she conducted, an investigator is neither qualified as a witness nor shall he or she be compelled to provide testimony in any proceedings, unless if the court, any other

à subir un examen médical qui, à son avis, est ou est susceptible d'être, utile à l'enquête;

3º exiger à un médecin ou autre praticien de la santé de lui fournir des renseignements, s'il a des raisons sérieuses de croire que le médecin ou l'autre praticien de santé dispose de renseignements concernant un patient, utiles ou susceptible d'être utiles à son enquête;

4º requérir de la personne ayant la garde d'un cadavre ou des restes du corps humain de lui permettre d'effectuer l'autopsie ou les examens médicaux lorsque, à son avis, cette autopsie ou examens médicaux du cadavre ou des restes du corps humain sont utiles ou susceptibles d'être utiles à son enquête.

Les examens médicaux visés au point 4º du présent article ne peuvent comporter l'intervention chirurgicale, perforation de la peau ou des tissus externes ou pénétration de médicaments, drogues ou autres substances étrangères dans l'organisme.

**<u>Article 65:</u> Témoignage des enquêteurs d'accidents ou incidents d'aéronef**

Sauf pour les enquêtes d'un professionnel de la santé et les procédures faites devant lui, l'enquêteur n'est pas compétent de donner des témoignages ou d'être contraint à témoigner, sauf sur l'ordonnance du tribunal, de la personne ou de

mpamvu idasanzwe n'urukiko, n'undi muntu cyangwa urundi rwego rurimo kubikurikirana ku mpamvu idasanzwe.

Igitekerezo cy'ugize itsinda ry'abakora iperereza ku mpanuka y'indege cyangwa ukora iperereza ku mpanuka y'indege ari wenyine nticyemewe nk'ikimenyetso mu rukiko cyangwa ahandi.

**<u>Ingingo ya 66</u>: Kwerekana ibimuranga**

Iyo abisabwe, mbere yo gukoresha uburenganzira cyangwa ububasha bwe, ukora iperereza ku mpanuka y'indege agomba kwerekana ikimuranga ku muntu wese agiye gukoreraho iperereza.

**<u>Ingingo ya 67:</u> Uburenganzira bwo kugerageza ibikoresho byafatiriwe**

Ukora iperereza ku mpanuka y'indege ashobora, igihe asanze ari ngombwa, gukoresha mu igerageza ibintu byose byafatiriwe ku mpamvu z'iperereza, bitewe n'igikoresho cyangwa ikintu cyafatiriwe, akora ibishoboka byose agatumira nyiracyo cyangwa undi muntu ugifiteho uburenganzira ku buryo budashidikanywaho.

**<u>Ingingo ya 68:</u> Gusubiza ibyafatiriwe**

Ikintu cyose cyafatiriwe n'ukora iperereza ku mpanuka y'indege, kigomba guhita gisubizwa nyiracyo cyangwa undi muntu cyafatanywe kikimara gukoreshwa icyo cyari kigenewe gukoreshwa, keretse iyo nyiracyo cyangwa undi bidashidikanywaho ko yaba ari nyiracyo, yemeye mu nyandiko ko bikorwa

person or any other body before whom the proceedings are conducted so orders for a special cause.

An opinion of a member of investigators' team or of a sole investigator is not admissible as evidence in court or elsewhere.

**<u>Article 66</u>: Presentation of credentials**

Before exercising his or her rights or powers, an investigator must, on request, present his or her credentials to any person subject to investigations.

**<u>Article 67:</u> Power to test seized property**

The investigator may, if necessary, depending on the nature of the property or the seized object, conduct tests on all seized objects for investigations purposes, and take all necessary measures to invite the owner of the object or any other person who possesses exclusive rights on the object.

**<u>Article 68:</u> Return of seized property**

Any property seized by the investigator is returned to the owner or to the person from whom it was seized, as soon as possible after it has served the purpose for which it was seized, unless the owner or the person who has exclusive rights on the property

l'organe compétent devant lequel les procédures sont engagées pour un motif spécial.

L'opinion d'un membre d'une équipe d'enquêteurs ou d'un seul enquêteur n'est pas admissible comme preuve dans les procédures judiciaires, disciplinaires ou autre.

**<u>Article 66:</u> Présentation du titre d'identité**

Avant d'exercer ses droits ou ses pouvoirs, l'enquêteur présente, sur demande, son titre d'identité à toute personne impliquée dans son intervention.

**<u>Article 67:</u> Pouvoir d'essayer les objets saisis**

L'enquêteur peut, en cas de besoin et selon la nature du bien ou objets saisis, faire soumettre tous les objets saisis à un essai, pour des raisons d'enquête, et prendre les mesures nécessaires pour y inviter le propriétaire de ces objets et toute personne dont on a des motifs raisonnables de croire qu'elle a droit audit objet.

**<u>Article 68:</u> Restitution des biens saisis**

Tout bien saisi par l'enquêteur est, lorsqu'il a servi aux fins voulues, restitué le plus vite possible à son propriétaire ou à la personne dont il a été saisi, à moins que le propriétaire ou la personne disposant le droit exclusif sur cet objet n'en convienne

ukundi cyangwa urukiko rubifitiye ububasha rubitegetse ukundi.

Ibiteganywa n'iyi ngingo ntibireba ibikoresho byafatiriwe bikangirika bikoreshwa mu iperereza.

**Ingingo ya 69: Amasezerano y'ubufatanye**

Minisitiri agirana amasezerano y'ubufatanye n'izindi nzego za Leta y'u Rwanda, imiryango ikora mu by'indege ikorera mu Rwanda n'inzego z'ubuyobozi bw'ibindi bihugu bushinzwe gukora iperereza ry'impanuka z'indege, kugira ngo, igihe bibaye ngombwa, haboneke ubufasha bw'inzobere mu gukora iperereza n'ibikoresho nkenerwa.

Amasezerano y'ubufatanye asobanura neza, aho bishoboka, uruhare rwa serivisi y'iperereza ku mpanuka z'indege n'urw'inzego za Leta igihe hakorwa iperereza ku mpanuka y'indege.

**Ingingo ya 70: Uruhare rw'ibindi bihugu mu iperereza ku mpanuka z'indege rikorwa n'u Rwanda**

Igihe u Rwanda rukora iperereza ku mpanuka y'indege, buri gihugu mu bikurikira cyemerewe gushyiraho intumwa igihagararira mu iperereza:

1° igihugu indege yanditsemo;

consents otherwise in writing, or if a court of competent jurisdiction orders otherwise.

Provisions of this Article do not apply to seized objects for destructive testing or objects which are harmful.

**Article 69: Memorandum of understanding**

The Minister signs a Memorandum of understanding with other Rwandan government's institutions, aviation industry organizations in Rwanda, as well as aircraft accident investigation authorities in other States, as a means of obtaining assistance in the form of qualified investigators and facilities when required.

The Memorandum of Understanding clearly specify, if possible, the role of the aviation accident investigation division and of such other government institutions during investigations of aircraft accidents and incidents.

**Article 70: Participation of other States in aircraft accident investigation conducted by Rwanda**

In case Rwanda conducts investigations on an aircraft accident or on a serious incident, each of the following States is allowed to appoint an accredited representative to participate in the investigation:

1° the State of registry;

autrement par écrit ou qu'une ordonnance d'une juridiction compétente n'en dispose autrement.

Les dispositions du présent article ne s'appliquent pas aux objets saisis pour test destructif ou aux objets nuisibles.

**Article 69: Protocole d'entente**

Le Ministre conclut un protocole d'entente avec d'autres organisations gouvernementales et de l'industrie de l'aviation au Rwanda, ainsi que des services d'enquête sur les accidents d'aéronefs d'autres États, afin de pouvoir obtenir une assistance, en cas de besoin, en termes de moyens et d'enquêteurs qualifiés.

Les protocoles d'entente définissent, le cas échéant, la participation du service d'enquête d'accident d'aéronef et des services ou organismes gouvernementaux pendant les enquêtes sur les accidents et les incidents d'aéronefs.

**Article 70: Participation d'autres États dans l'enquête sur un accident d'aéronefs effectuée par le Rwanda**

Lorsqu'une enquête sur un accident d'aéronef ou incident grave est effectuée par le Rwanda, chacun des États suivants a le droit de désigner un représentant accrédité à participer à l'enquête:

1° l'État d'immatriculation;

2º igihugu cy'ukoresha indege cyangwa icya nyir'indege;

3º igihugu cyakorewemo iyo ndege;

4º igihugu cyahanze iyo ndege;

5º ikindi gihugu cyatanze amakuru ku mpanuka, ibikoresho byifashishwa cyangwa inzobere zifasha mu iperereza, iyo kibisabye.

Igihugu cyemerewe gushyiraho intumwa igihagararira, cyemerewe no gushyiraho umujyanama umwe cyangwa benshi bafasha intumwa ihagarariye icyo gihugu mu iperereza.

**Ingingo ya 71: Guhagararirwa k'u Rwanda mu iperereza ku mpanuka y'indege rikozwe n'ibindi bihugu**

Minisitiri ashyiraho umuhagarariye hamwe n'umujyanama umwe cyangwa benshi, kugira ngo bafatanye n'abandi mu gukora iperereza ku mpanuka y'indege yabereye mu kindi gihugu bifitanye amasezerano mu bihe bikurikira:

1º iyo indege yagize impanuka yanditse mu Rwanda cyangwa uwayikoreshaga afite ibyangombwa byatanzwe n'u Rwanda;

2º iyo u Rwanda, rubisabwe n'igihugu bifitanye amasezerano gikora iperereza, rutanze amakuru, ibikoresho cyangwa inzobere zo gufasha icyo gihugu;

2º the State of the operator or state of the owner of the aircraft;

3º the State of manufacture of the aircraft;

4º the State of design;

5º any other State which provided information on the accident or incident, facilities or experts who assist in the investigations, on its requests.

A State entitled to appoint its representative to participate in the investigation is also entitled to appoint one or more advisers to assist the accredited representative in the investigation.

**Article 71: Representation of Rwanda in aircraft accident investigations conducted by other States**

The Minister appoints an accredited representative and one or more advisers to participate in the investigation into an aircraft accident or incident which occurs in another contracting State in any of the following cases:

1º where Rwanda is the State of registry or if the operator holds documents issued by Rwanda;

2º where Rwanda has, on request by the contracting State which is conducting investigations, provided information, facilities or experts to assist the State;

2º l'État de l'exploitant ou celui du propriétaire de l'aéronef;

3º l'État de fabrication de l'aéronef;

4º l'État de conception de l'aéronef;

5º tout autre État ayant fourni des renseignements sur l'accident ou l'incident, des moyens ou des experts qui donnent assistance à l'enquête, sur sa demande.

Un État qui a la faculté de désigner un représentant accrédité à participer à l'enquête a également la faculté de lui adjoindre un ou plusieurs conseillers pour aider ce dernier au cours de l'enquête.

**Article 71: Représentation du Rwanda dans des enquêtes sur les accidents d'aéronefs menées par les autres États**

Le Ministre nomme un représentant accrédité et un ou plusieurs conseillers à participer à l'enquête sur un accident d'aéronef ou un incident qui se produit dans un autre État contractant, dans les cas suivants:

1º lorsque le Rwanda est l'état d'immatriculation, ou l'État d'où l'exploitant de l'avion détient les documents;

2º lorsque le Rwanda a, sur demande de l'État partie qui mène l'enquête, fourni des renseignements, des installations ou des experts dans le cadre de l'enquête;

3º iyo u Rwanda rufite inyungu zihariye mu mpanuka y'indege yabaye bitewe n'uko hari Abanyarwanda bapfiriye cyangwa bakomerekeye muri iyo mpanuka.

**Ingingo ya 72: Guha amakuru igihugu gikora iperereza ku mpanuka y'indege**

Minisitiri, abisabwe n'igihugu gikora iperereza ku mpanuka y'indege, aha icyo gihugu amakuru yose ya ngombwa afite ajyanye n'iperereza.

Igihe u Rwanda aricyo gihugu indege yanditsemo n'uwayikoreshaga afite ibyangombwa byatanzwe na rwo, Minisitiri atanga, abisabwe n'igihugu gikora iperereza ku mpanuka y'indege, amakuru afite ishingiro arebana n'umuryango uwo ari wo wose ufite ibikorwa bishobora kuba bifitanye isano ku buryo buziguye cyangwa butaziguye n'ikoreshwa ry'indege.

**Ingingo ya 73: Korohereza ikorwa ry'iperereza ku mpanuka y'indege**

Minisitiri, afatanyije n'izindi minisiteri n'ibindi bigo bya Leta bireba, yorohereza, uko bishoboka, iyinjira ryihuse ry'agateganyo mu Rwanda ry'inzobere hamwe n'indege zose, ibikoresho bikoreshwa ku ndege n'ibikoresho bikenewe mu gukora iperereza ku mpanuka y'indege cyangwa mu gushakisha indege y'ikindi gihugu yagize impanuka cyangwa yabuze.

3º where Rwanda has a special interest in the aircraft accident by virtue of fatalities or injuries to citizens of Rwanda.

**Article 72: Provision of information to an investigating State**

The Minister, on request by the State conducting the investigations on an aircraft accident or incident, provides that State with all the relevant information available to him or her for the investigations.

The Minister, upon requests by the state conducting investigations, provide relevant available information on any organization whose activities may have directly or indirectly influenced the operation of the aircraft where Rwanda is the State of registry and the operator holds Rwandan documents.

**Article 73: Facilitation of aircraft accident investigation**

The Minister, in collaboration with other Ministries and relevant public institutions, without delay, facilitates as far as possible, the entry into Rwanda on a temporary basis of experts and all aircraft, tools, spare parts and equipment required in the aircraft accident investigations or in search of an aircraft that had an accident or got lost.

3º lorsque le Rwanda a un intérêt particulier dans l'accident d'aéronef en raison des décès ou des blessures de citoyens du Rwanda.

**Article 72: Fournir les informations à l'État menant une enquête**

Le Ministre fournit à l'État qui mène l'enquête sur un accident ou incident d'aéronef, sur demande de ce même État, tous les renseignements utiles à l'enquête dont il dispose.

Lorsque le Rwanda est l'État d'immatriculation et l'État d'où l'exploitant de l'avion détient les documents, le Ministre fournit, à la demande de l'État qui mène l'enquête, des renseignements utiles sur tout organisme dont les activités peuvent avoir une influence directe ou indirecte sur l'exploitation de l'aéronef.

**Article 73: Facilitation dans la conduite d'une enquête sur un accident d'aéronef**

En collaboration avec d'autres Ministères et établissements publics concernés, Le Ministre facilite, autant que possible, l'entrée sans délai au Rwanda à titre temporaire du personnel qualifié et tous aéronefs, outillage, pièces de rechanges et matériel nécessaires aux enquêtes sur les accidents d'aéronef ou à la récupération d'un aéronef ayant fait l'objet d'accident ou qui a disparu.

Minisitiri, afatanyije n'izindi minisiteri n'ibindi bigo bya Leta bireba, yorohereza ikurwaho ry'indege y'ikindi gihugu yagiriye impanuka mu Rwanda hamwe n'indege yakoze ubutabazi n'ibikoresho bikoreshwa ku ndege byose bishobora kuba byarazanywe mu Rwanda kubera igikorwa cy'iperereza cyangwa icyo gushakisha indege.

**Ingingo ya 74: Kohereza ibice by'indege mu kindi gihugu**

Minisitiri yohereza bidatinze, ku mpamvu z'iperereza ku mpanuka y'indege, igice cyangwa ibice by'indege bikenewe gukorerwa isuzumwa cyangwa igeragezwa iyo bibaye ngombwa, mu kindi gihugu gifitanye amasezerano n'u Rwanda, iyo icyo gice cyangwa ibice by'indege bikeneye gukorerwa isuzumwa ryo mu rwego tekiniki, kandi akabimenyesha izindi minisiteri n'ibindi bigo bya Leta bireba.

**Ingingo ya 75: Isenywa ry'indege yose yangiritse cyangwa ibice byayo byangiritse**

Iyo indege yose yangiritse cyangwa ibice byayo, iyo ndege, ibintu n'imitwaro biyirimo, ibikoresho, ibikoresho bisimbura ibyuma by'indege cyangwa ibindi bikoresho byazanywe by'agateganyo ku mpamvu z'iperereza ku mpanuka y'indege cyangwa ku mpamvu zo gushakisha indege bitavanywe ku butaka bw'u Rwanda, mu gihe cy'imyaka itatu (3) nyuma y'uko iperereza ku mpanuka y'indege rirangiye, birasenywa.

The Minister, in collaboration with other ministries and relevant public institutions, facilitates the removal from the territory of Rwanda of the wreckage of the aircraft of another state that was involved in an accident in Rwanda as well as any other aircraft that provided rescue services that may have been brought in Rwanda for investigations or aircraft search purposes.

**Article 74: Sending parts of an aircraft to another State**

The Minister, without delay, for purposes of aircraft accident investigations, sends a part or parts of a wrecked aircraft to another contracting State for a technical examination or testing if necessary, if such a part or parts require technical examination, and notifies other ministries and relevant public institutions thereof.

**Article 75: Destruction of damaged aircraft or parts thereof**

In case a damaged aircraft or parts thereof, the aircraft, any stock or cargo contained therein, together with the tools, spare parts or equipment brought in for temporary use in aircraft accident investigations or for purposes of search of the aircraft are not removed from the Rwandan territory within three (3) years after completion of the aircraft accident investigations, they are destroyed.

En collaboration avec d'autres Ministères et établissements publics concernés, le Ministre facilite la sortie du territoire Rwandais de l'aéronef endommagé et de tout aéronef de sauvetage ainsi que de l'outillage, des pièces de rechanges et du matériel qui ont pu être amenés au Rwanda aux fins de l'enquête sur les accidents d'aéronefs ou de leur récupération.

**Article 74: Envoi des parties d'aéronef à un autre État**

Lorsque, aux fins d'une enquête sur un accident d'aéronef, il se révèle nécessaire d'envoyer une ou plusieurs parties d'un aéronef endommagé à un autre État partie en vue d'un examen technique ou d'un essai, le Ministre envoie ces parties sans délai, et en informe les autres ministères et établissements publics concernés.

**Article 75: Destruction d'un aéronef endommagé ou de ses parties**

kitarenze amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000) y'amafaranga y'u Rwanda cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

**Ingingo ya 104: Gutunga indege itarimo umupilote itanditse**

Umuntu wese utunze indege itarimo umupilote itanditse aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igihano cy'igifungo kitari munsi y'amezi atatu (3) ariko kitarenze amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000) y'amafaranga y'u Rwanda cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

**Ingingo ya 105: Kutagaragaza ikirango cy'iyandikisha ry'indege itarimo umupilote**

Nyir'indege itarimo umupilote utagaragaza ku buryo bugaragara ikirango cy'iyandikisha cy'iyo ndege cyatanzwe n'Ikigo, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igihano cy'igifungo kitari munsi y'ukwezi kumwe (1) ariko kitarenze amezi ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

than six (6) months and a fine of not less than one million Rwandan francs (Frw 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (Frw 2,000,000) Rwandan francs, or only one of these penalties.

**Article 104: Owning an unregistered unmanned aircraft**

Any person who owns an unregistered unmanned aircraft commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of less than three (3) months and not more than six (6) months and a fine of not less than one million Rwandan francs (Frw 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (Frw 2, 000,000), or only one of these penalties.

**Article 105: Failure to display unmanned aircraft registration mark**

An owner of unmanned aircraft who does not prominently display registration marks issued by the Authority, commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to a term of imprisonment of not less than one (1) month but not exceeding two (2) months and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (Frw 500,000) but not exceeding one million Rwandan francs (Frw 1,000,000) or only one of the penalties.

mois mais n'excédant pas six (6) mois et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 Frw) mais n'excedant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 Frw) ou de l'une de ces peines seulement.

**Article 104: Posséder un aéronef sans pilote non enregistré**

Toute personne qui possède un aéronef sans pilote non enregistré commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais n'excédant pas six (6) mois et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 Frw) mais n'excedant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 Frw) ou l'une de ces peines seulement.

**Article 105: Défaut d'affichage de la marque d'enregistrement d'un aéronef sans pilote**

Un propriétaire d'un aéronef sans pilote qui n'affiche pas visiblement les marques d'immatriculation de cet aéronef délivrées par l'Office, commet une infraction.

Lorsqu'il est reconnu coupable, il et est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins un (1) mois n'excédant pas deux (2) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille (500.000 Frw) mais n'excédant pas un million (1.000.000 Frw) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

**Ingingo ya 106: Imenyekanisha ririmo ikinyoma mu iyandikisha no kubona uruhushya cyangwa icyemezo cy'indege itarimo umupilote**

Umuntu wese ukora imenyekanisha cyangwa inyandiko by'ikinyoma, agambiriye kubeshya, kugira ngo ahabwe, yongere cyangwa ahindure uruhushya cyangwa icyemezo cy'indege itarimo umupilote, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igihano cy'igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000).

**Ingingo ya 107: Kubangamira ingendo z'indege itarimo umupilote**

Umuntu wese ubangamira ingendo z'indege itarimo umupilote zibifitiye uruhushya aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igihano cy'igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000).

**Article 106: False declaration for registration process and obtaining permit or certificate for unmanned aircraft**

Any person who makes, with intent to deceive, any false declaration or statement for the purpose of obtaining or renewal or variation of any certificate, license, approval, permission or other document for unmanned aircraft, commits an offence.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (Frw 5.000.000) and not more than ten million Rwandan francs (Frw 10,000,000).

**Article 107: Unlawful interference of unmanned aircraft operations**

Any person who unlawfully interferes with duly authorized operation of unmanned aircraft commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than three (3) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (Frw 5,000,000) and not more than ten million Rwandan francs (Frw 10, 000,000).

**Article 106: Fausse déclaration pour le processus d'enregistrement et obtention du permis ou de certificat d'un aéronef sans pilote**

Toute personne qui fait, avec l'intention de tromper, toute fausse déclaration ou déclaration aux fins de l'obtention ou du renouvellement ou de la modification de tout certificat, permis, approbation, autorisation ou autre document d'un aéronef sans pilote, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) an mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins cinq million de francs rwandais (5.000.000 Frw) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 Frw).

**Article 107: Ingérence illégale dans les opérations d'un aéronef sans pilote**

Toute personne qui interfère illégalement avec l'opération dûment autorisée d'un aéronef sans pilote commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins cinq million de francs rwandais (5.000.000 Frw) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 Frw).

**Ingingo ya 108: Gushyira intwaro yica cyangwa ibindi bintu bifite ubumara ku ndege itarimo umupilote**

Umuntu wese, ku bushake cyangwa abigambiriye, ushyira intwaro yica cyangwa ibintu bifite ubumara ku ndege itarimo umupilote yemerewe gukoreshwa mu kirere cy'u Rwanda, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka icumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni icumi n'eshanu (15.000.000) ariko atarenze miliyoni makumyabiri (20.000.000).

**Ingingo ya 109: Gutuma ikindi kigo gishinzwe iby'indege gikora icyaha**

Umuntu wese utuma ikindi kigo gishinzwe iby'indege gikora icyaha biturutse ku kagambane cyangwa ku burangare bwe, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

**Article 108: Mounting a lethal weapon or a toxic substance on an unmanned aircraft**

Any person who willfully and maliciously mounts lethal weapons or toxic substances on an unmanned aircraft legally permitted to operate into Rwandan airspace commits an offense.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years and a fine of not less than fifteen million Rwandan francs (Frw 15,000,000) and not more than twenty million Rwandan francs (Frw 20,000,000).

**Article 109: Causing another civil aviation authority to commit an offence**

Any person who, due to his/her conspiracy or negligence causes another civil aviation authority to commit an offence, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years, and a fine of not less than two million Rwandan francs (Frw 2,000,000) and not more than three million Rwandan francs (Frw 3,000,000) or only one of these penalties.

**Article 108: Monter une arme létale ou une substance toxique sur un aéronef sans pilote**

Toute personne qui monte volontairement et de mauvaise foi une arme létale ou une substance toxique sur un aéronef sans pilote légalement autorisé à opérer dans l'espace aérien rwandais, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans et d'une amende d'au moins quinze millions de francs rwandais (15.000.000 Frw) mais n'excédant pas vingt millions de francs rwandais (20.000.000 Frw).

**Article 109: Entraîner un autre office d'aviation civile à commettre une infraction**

Toute personne qui entraîne un autre office d'aviation civile à commettre une infraction à la suite d'un complot ou de négligence, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 Frw) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 Frw) ou de l'une de ces peines seulement.

**Ingingo ya 110: Ibyaha bikozwe n'isosiyete y'ubucuruzi, umuryango, ikigo, ishyirahamwe cyangwa urugaga rw'amashyirahamwe bifite ubuzimagatozi**

Iyo icyaha giteganywa n'iri tegeko gikozwe n' isosiyete y'ubucuruzi, umuryango, ikigo, ishyirahamwe cyangwa urugaga rw'amashyirahamwe bifite ubuzimagatozi kandi hakagaragara ibimenyetso by'uko cyakozwe bibyemeye cyangwa bibigizemo umugambi mubisha cyangwa se biturutse ku burangare:

1° bw'umuyobozi uwo ari we wese, umucungamutungo, umunyamabanga cyangwa umukozi babyo;

2° bw'uwiyitiriye ububasha bw'abavugwa mu gace ka 1° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo kubera ko akorana cyangwa yigeze gukorana na byo;

biba bikoze icyaha.

Iyo bigihamijwe n'urukiko, bihanishwa kwishyura ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni mirongo itanu (50.000.000) kugeza kuri miliyoni ijana (100.000.000) cyangwa iseswa.

Uburyozwacyaha bw'isosiyete y'ubucuruzi, umuryango, ikigo, ishyirahamwe cyangwa urugaga rw'amashyirahamwe bifite ubuzimagatozi,

**Article 110: Offence by a company, an organization, an institution, an association or a group of associations with legal personality**

Where a company, an organization, an institution, an association or a group of associations with legal personality commits an offence provided for under this Law and it is proved the offence has been committed with the consent or connivance of, or is attributable to any negligence on the part of:

1° any director, manager, secretary or similar officer of such a company, organization, institution, association, group of associations;

2° any person who was purporting to act in any capacity of those referred to in item 1° of Paragraph One of this Article,

commits an offence.

Upon conviction, it is punished to pay a fine ranging from fifty million Rwandan francs (Frw 50,000,000) to one hundred million Rwandan francs (Frw 100,000,000) or subjected to dissolusion.

The criminal liability of a company, an organization, an institution, an association or a group of associations with legal personality

**Article 110: Infraction par une société commerciale, une organisation, un établissement, une association ou un collectif d'associations dotées de la personnalité juridique**

Lorsqu'une société commerciale, une organisation, un établissement, une association ou un collectif d'associations dotés de la personnalité juridique commet une infraction prévue par la présente loi et qu'elle est prouvée avoir été commise avec le consentement ou la connivence ou est attribuable à toute négligence de la part de:

1° tout directeur, gérant, secrétaire ou agent similaire de cette société commerciale, organisation, établissement, association ou collectif d'associations;

2° toute personne qui était censée agir en qualité des personnes visées au point 1° de l'alinéa premier du présent article,

commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une amende de cinquante millions de francs rwandais (50.000.000 Frw) à cent millions de francs rwandais (100.000.000 Frw) ou fait l'objet de dissolution.

La responsabilité pénale d'une société commerciale, d'une organisation, d'un établissement, d'une association ou d'un collectif

buteganywa n'igika cya mbere cy'iyi ngingo ntibubuza ko ababigizemo uruhare cyangwa ibyitso byabo bakurikiranwaho ibyaha ku giti cyabo.

**Ingingo ya 111: Kutubahiriza amabwiriza atangwa n'Ikigo**

Umuntu wese unyuranya n'ibiteganyijwe n'amabwiriza n'ibyo yamenyeshejwe cyangwa yasabwe gukora hakurikijwe iri tegeko, aba akoze icyaha, uretse igihe hari itegeko ribiteganya ukundi.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

**UMUTWE WA IX: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 112: Ububasha bwo kwaka amafaranga kuri serivisi zitanzwe**

Serivisi zitangwa n'Ikigo zishyurwa amafaranga agenwa nacyo.

**Ingingo ya 113: Amabwiriza n'ibikorwa byari biriho**

Amabwiriza yose n'ibikorwa bijyanye n'iby'indege za gisivili byari biriho bihawe igihe kitarenze amezi

provided for under Paragraph One of this Law shall in no way relieve those involved therein or their accomplices from being sued individually.

**Article 111: Failure to comply with regulations issued by the Authority**

Any person who contravenes any provision of regulations, notice or order made under this Law commits an offence, unless another law provides otherwise.

Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year and a fine of not less than two million Rwandan francs (Frw 2,000,000) and not more than five million Rwandan francs (Frw 5,000,000) or one of these penalties only.

**CHAPTER IX: MISCELLENIOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 112: Power to require fees for services provided**

Fees for services provided by the Authority are determined by the Authority.

**Article 113: Existing regulations and activities**

All existing civil aviation related regulations and activities are required to comply with provisions of

d'associations dotées de la personnalité juridique n'exclue pas que ceux qui sont impliqués et leurs complices soient poursuivis individuellement.

**Article 111: Défaut de se conformer aux règlements établis par l'Office**

Toute personne qui contrevient à une disposition du règlement, d'un avis ou d'une ordonnance prévus en vertu de la présente loi, commet une infraction à moins qu'une loi quelconque n'en dispose autrement.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an et d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 Frw) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 Frw) ou de l'une de ces peines seulement.

**CHAPITRE IX: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 112: Pouvoir d'exiger des frais pour les services prestés**

Les frais payés pour les services prestés par l'Office sont déterminés par l'Office.

**Article 113: Règlements et activités existants**

Toutes les dispositions règlementaires et activités antérieures relatives à l'aviation civile doivent se

cumi n'abiri (12) uhereye igihe iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda kugira ngo bihuzwe na ryo.

**Ingingo ya 114: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 115: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 75/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena amabwiriza mu by'indege za gisivili n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi binyuranye na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 116: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda

Kigali, ku wa **29/04/2018**

this Law within twelve (12) months from the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 114: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.

**Article 115: Repealing provision**

Law n° 75/2013 of 11/09/2013 establishing regulations governing civil aviation and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

**Article 116: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **29/04/2018**

conformer aux dispositions de la présente loi endéans douze (12) mois à compter de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Article 114: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

**Article 115: Disposition abrogatoire**

La Loi n°75/2013 du 11/09/2013 portant réglementation de l'aviation civile et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 116: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **29/04/2018**

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru yaLeta

**(sé)**
**KAGAME Paul**
President of the Republic

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of he Republic:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice /Attorney General

**(sé)**
**KAGAME Paul**
Président de la République

**(sé)**
**Dr. NGIRENTE Edouard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice /Garde desSceaux

**ITEGEKO N° 21/2018 RYO KU WA 29/04/2018 RIHINDURA ITEGEKO N°42/2011 RYO KU WA 31/10/2011 RYEREKEYE UMUTEKANO W'IBY'INDEGE ZA GISIVILI**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Ibirebwa n'iri tegeko**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Inshingano za Minisitiri mu bijyanye n'iby'umutekano w'indege za gisivili**

**Ingingo ya 4: Inshingano z'Ikigo zijyanye n'umutekano w'iby'indege**

**Ingingo ya 5: Ububasha bwo kubungabunga umutekano w'iby'indege za gisivili**

**Ingingo ya 6: Ububasha bw'Umugenzuzi w'Umutekano w'iby'Indege za Gisivili**

**Ingingo ya 7: Gahunda y'Igihugu yo gukurikirana imitunganyirize y'umutekano w'iby'indege za gisivili**

**Ingingo ya 8: Gahunda y'umutekano y'umuntu cyangwa ikigo kigenzurwa**

**Ingingo ya 9: Gahunda y'Umutekano y'isosiyete ishinzwe gutanga amafunguro yo mu ndege**

**LAW N°21/2018 OF 29/04/2018 MODIFYING LAW N° 42/2011 OF 31/10/2011 RELATING TO CIVIL AVIATION SECURITY**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Scope of this Law**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 3: Responsibilities of the Minister in relation to aviation security**

**Article 4: Responsibilities of the Authority in matters relating to civil aviation security**

**Article 5: Powers to maintain civil aviation security**

**Article 6: Powers of the civil aviation Security Inspectors**

**Article 7: National Civil Aviation Security Quality Control Programme**

**Article 8: Security Programme of a regulated agent or company**

**Article 9: In-flight Catering Operator Security Programme**

**LOI N°21/2018 DU 29/04/2018 MODIFIANT LA LOI N°42/2011 DU 31/10/2011 RELATIVE À LA SURETÉ DE L'AVIATION CIVILE**

**TABLE DES MATIÈRES**

**Article premier: Champs d'application de la présente loi**

**Article 2: Définitions des termes**

**Article 3: Attributions du Ministre concernant la sûreté de l'aviation civile**

**Article 4: Attributions de l'Office en matière de sûreté de l'aviation civile**

**Article 5: Pouvoirs d'assurer la sûreté de l'aviation civile**

**Article 6: Pouvoirs des inspecteurs de la sûreté de l'aviation civile**

**Article 7 : Programme national de contrôle de la qualité de la sûreté de l'aviation civile**

**Article 8: Programme de sûreté d'un agent ou d'une société habilitée**

**Article 9: Programme de sécurité de l'exploitant de la restauration à bord**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 10: Gahunda y'umutekano y'abatanga serivisi zo kuyobora indege mu kirere** | **Article 10: Air Navigation service providers Security Programme** | **Article 10: Programme de sécurité des prestataires de services de navigation aérienne** |
| **Ingingo ya 11: Umuntu ushinzwe umutekano mu ndege** | **Article 11: In-flight security officer** | **Article 11: Officier de sûreté de l'aviation** |
| **Ingingo ya 12: Ibijyanye no kubahiriza iri tegeko** | **Article 12: Enforcement of this Law** | **Article 12: Application de la présente loi** |
| **Ingingo ya 13: Ibyaha n'ibihano** | **Article 13: Offences and penalties** | **Article 13: Infractions et peines** |
| **Ingingo ya 14: Ibyaha bikozwe na nyir'ibikorwa** | **Article 14: Offences committed by an operator** | **Article 14: Infractions commises par un exploitant** |
| **Ingingo ya 15: Gukoresha imbaraga cyangwa gukangisha gukoresha imbaraga ku kibuga cy'indege** | **Article 15: Use of force or threaten to use force at the airport** | **Article 15: Usage de la force ou menace d'usage de la force à l'aéroport** |
| **Ingingo ya 16: Kwinjira ahantu ntavogerwa cyangwa kuhinjiza ikintu kibujijwe** | **Article 16: Entering a security restricted area or entering such an area with a prohibited item** | **Article 16: Entrer dans une zone à accès réglementé ou y entrer avec un article interdit** |
| **Ingingo ya 17: Ibyaha byerekeranye n'impushya zo kwinjira ahantu ntavogerwa ku kibuga cy'indege** | **Article 17: Offences relating to airport security permits** | **Article 17: Infractions relatives aux permis de sécurité aéroportuaire** |
| **Ingingo ya 18: Kutubahiriza amabwiriza** | **Article 18: Failure to comply with regulations** | **Article 18: Non-respect des règlements** |
| **Ingingo ya 19: Gutambamira umuntu wemewe** | **Article 19: Obstructing an authorized person** | **Article19: Obstruction d'une personne autorisée** |
| **Ingingo ya 20: Gukoresha ingufu cyangwa iterabwoba hagamijwe kuyobya indege cyangwa kuyifata ku gahato** | **Article 20: Use of force, threats to hijack or seizing control of an aircraft** | **Article 20: Recours à la force, menaces de détournement ou de prise de contrôle d'un aéronef** |
| **Ingingo ya 21: Ibyaha bikorewe abakozi bo mu ndege** | **Article 21: Offences committed against crew members on board aircraft** | **Article 21: Infractions commises contre des membres d'équipage à bord d'un aéronef** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 22: Kwitwaza intwaro n'ibintu biturika** | **Article 22 :Unauthorised possession of weapons and explosives** | **Article 22: Possession non autorisée d'armes et d'explosifs** |
| **Ingingo ya 23: Kubangamira imikorere y'indege** | **Article 23: Interference with aircraft operations** | **Article 23: Interférence avec les opérations aériennes** |
| **Ingingo ya 24: Gutanga amakuru atari yo ashobora kubangamira umutekano w'iby'indege** | **Article 24: Communication of false information that is likely to endanger the safety of civil aviation** | **Article 24: Communication de fausses informations susceptibles de mettre en péril la sureté de l'aviation civile** |
| **Ingingo ya 25: Kutamenyekanisha ikibazo kirebana n'umutekano w'indege cyangwa w'ikibuga cy'indege** | **Article 25: Non-disclosure of security threats of an aircraft or airport** | **Article 25: Non-divulgation des menaces à la sûreté d'un aéronef ou d'un aéroport** |
| **Ingingo ya 26: Gutunga urumuri rukabije ku ndege ya gisivili** | **Article 26: Projection of directed bright light source at an aircraft** | **Article 26: Projection d'une source lumineuse dirigée vers un aéronef** |
| **Ingingo ya 27: Ibyaha bikozwe n'isosiyete y'ubucuruzi, umuryango, ikigo, ishyirahamwe cyangwa urugaga rw'amashyirahamwe bifite ubuzimagatozi** | **Article 27: Offences committed by a company, an organization, an institution, an association, a group of associations with legal personality** | **Article 27: Infractions commises par une société commerciale, une organisation, un établissement, une association ou un collectif d'associations dotées de la personnalité juridique** |
| **Ingingo ya 28: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko** | **Article 28: Drafting, consideration and adoption of this Law** | **Article 28: Initiation, examen et adoption de présente loi** |
| **Ingingo ya 29: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko** | **Article 29: Repealing provision** | **Article 29: Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 30: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa** | **Article 30: Commencement** | **Article 30: Entrée en vigueur** |

**ITEGEKO N° 21/2018 RYO KU WA 29/04/2018 RIHINDURA ITEGEKO N°42/2011 RYO KU WA 31/10/2011 RYEREKEYE UMUTEKANO W'IBY'INDEGE ZA GISIVILI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
**Perezida wa Repubulika;**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 22 Werurwe 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 64, iya 69, iya 70, iya 85, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko n°42/2011 ryo ku wa 31/10/2011 ryerekeye umutekano w'iby'indege za gisivili;

**YEMEJE:**

**LAW N° 21/2018 OF 29/04/2018 MODIFYING LAW N° 42/2011 OF 31/10/2011 RELATING TO CIVIL AVIATION SECURITY**

**We, KAGAME Paul,**
**President of the Republic;**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 22 March 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 85, 88, 90, 91, 93,106, 120 and 176;

Having reviewed Law n°42/2011 of 31/10/2011 relating to civil aviation Security ;

**ADOPTS:**

**LOI N° 21/2018 DU 29/04/2018 . MODIFIANT LA LOI N$^{O}$ 42/2011 DU 31/10/2011 RELATIVE À LA SURETÉ DE L'AVIATION CIVILE**

**Nous, KAGAME Paul,**
**Président de la République;**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 22 mars 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 85, 88, 90, 91, 93, 106, 120 et 176;

Revu la loi n$^{o}$ 42/2011 du 31/10/2011 relative à la sureté de l'aviation civile;

**ADOPTE:**

**Ingingo ya mbere: Ibirebwa n'iri tegeko**

Itegeko n°42/2011 ryo ku wa 31/10/2011 ryerekeye umutekano w'iby'indege za gisivili ryongewemo ingingo ya mbere *bis* iteye ku buryo bukurikira:

**"Ingingo ya mbere bis: Ibirebwa n'iri tegeko**

Iri tegeko rireba:

1° abantu bose bacunga ibibuga by'indege za gisivili;

2° isosiyete z'indege zose zikorera mu Rwanda;

3° isosiyete zishinzwe gutanga amafunguro mu ndege ;

4° isosiyete cyangwa abantu bagenzurwa n'Ikigo mu bijyanye no gusaka imizigo ijya mu ndege;

5° inzego zemewe zitanga ubumenyi mu bijyanye n'umutekano w'iby'indege za gisivili;

6° abatanga serivisi zo kuyobora indege mu kirere mu Rwanda;

7° umuntu wese wahabwa ububasha bwo gutanga serivisi z'umutekano w'iby'indege."

**Article One: Scope of this Law**

In Law n° 42/2011 of 31/10/2011 relating to civil aviation security is inserted Article One *bis* worded as follows:

**"Article One *bis:* Scope of this Law**

This Law applies to:

1 ° all civil airports operators in Rwanda;

2 ° all aircraft operators in Rwanda;

3 ° in-flight catering operators in Rwanda;

4 ° a company or regulated agents for air cargo security in Rwanda;

5 ° approved Civil Aviation Security Training organisations;

6 ° air navigation services providers in Rwanda;

7 ° any person empowered to provide Aviation Security services."

**Article premier: Champs d'application de la présente loi**

Dans la loi n°42/2011 du 31/10/2011 relative à la sureté de l'aviation civile il est inséré l'article premier *bis* libellé comme suit:

**« Article premier *bis:* Champs d'application de la présente loi**

La présente loi s'applique à:

1° tous les exploitants des aéroports civils au Rwanda;

2° tous les exploitants d'aéronefs au Rwanda ;

3° les sociétés de restauration à bord in Rwanda ;

4° une société ou agents régulés pour la sécurité du fret aérien au Rwanda ;

5° organismes de formation à la sécurité de l'aviation civile approuvés ;

6° les prestataires de services de navigation aérienne au Rwanda ;

7° toute personne habilitée à fournir des services de sûreté de l'aviation. »

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Ingingo ya 2 y'Itegeko n°42/2011 ryo ku wa 31/10/2011 ryerekeye umutekano w'iby'indege za gisivili ihinduwe ku buryo bukurikira:

"Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

1° **ahantu ntavogerwa**: ahantu hagaragajwe mu kibuga cyangwa ku nyubako zifasha iby'indege za gisivili hagomba gucungirwa umutekano ku buryo bwihariye kandi hakagerwa n'umuntu abanje gusakwa no kugenzurwa ku buryo bwihariye;

2° **akazi k'indege mu kirere**: imikoreshereze y'indege mu mirimo y'ubuhinzi, iy'ubwubatsi, iyo gufotora, iyo gupima ahantu, iyo kugenzura, iyo kurinda, iyo gushakisha, iyo gutabara, iyo kwiga indege, iyo kuzimya umuriro n'iyo kwamamaza mu kirere;

3° **amabaruwa:** inzandiko n'ibindi bishyikirizwa iposita hakurikijwe amabwiriza y'Umuryango Mpuzamahanga w'Amaposita;

4° **amabwiriza rusange:** inyandiko igamije gusobanura kurushaho ibigomba kubahirizwa bikubiye muri iri tegeko kugira ngo rishyirwe mu bikorwa;

5° **amabwiriza ya tekiniki**: inyandiko zigezweho zikubiyemo amabwiriza ajyanye n'ubwikorezi bwo mu kirere bw'ibicuruzwa byangiza

**Article 2: Definitions**

Article 2 of Law n°42/2011 of 31/10/2011 relating to civil aviation security is modified as follows:

"In this Law, the following terms are defined as follows:

1° **security restricted area**: those areas of the airside of an airport which are identified as priority risk areas where in addition to access control, other security controls are applied;

2° **aerial work**: use of an aircraft in agriculture, construction, photography, surveying, observation, patrol and protection, search and rescue, civil aviation learning, fire extinguishing and aerial advertisement services ;

3° **mail**: correspondence and other items delivered to the post office in accordance with the rules of Universal Postal Union;

4° **regulations**: normative act which is aimed to specify modalities of application of provisions of this Law;

5° **technical instructions**: the latest effective edition of the Technical Instructions for the Safe Transport of Dangerous Goods by Air, as

**Article 2: Définitions**

L'article 2 de la Loi n°42/2011 du 31/10/2011 relative à la sûreté de l'aviation civile est modifié comme suit:

"Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **zone de sûreté à accès réglementé:** zones côté piste d'aéroport, identifiées comme étant des zones particulièrement sensibles où, en plus de contrôle d'accès, d'autres contrôles de sécurité sont réalisés;

2° **travail aérien**: utilisation d'un aéronef dans les services d'agriculture, de construction, de photographie, de topographie, d'observation et de protection, de surveillance, de recherche, de sauvetage, d'apprentissage du pilotage d'aéronef, d'extinction d'incendie et de publicité aérienne;

3° **courriers**: les correspondances et autres objets destinés à être remis aux administrations postales conformément aux règles de l'Union Postale Universelle;

4° **règlements :** acte normatif visant a préciser les modalités de mise en application des dispositions de la présente loi ;

5° **instructions techniques:** la dernière édition en vigueur des instructions techniques pour le transport aérien des marchandises dangereuses

nk'uko yakorewe ubugororangingo, akemezwa kandi agatangazwa hakurikijwe icyemezo cy'Inama Nkuru y'Umuryango Mpuzamahanga w'Indege za Gisivili;

6 º **amafunguro yo mu ndege**: ibinyobwa n'ibiribwa bihabwa abari mu ngendo z'indege;

7 º **Amasezerano Mpuzamahanga mu by'Indege za Gisivili**: Amasezerano Mpuzamahanga mu by'Indege za Gisivili yashyiriweho umukono i Chicago ku wa 07 Ukuboza 1944 nk'uko yemejwe n'itegeko ryo ku wa 30/04/1947 n'Imigereka yayo yemejwe n'Itegeko–teka ryo ku wa 07/04/1976;

8 º **gusaka**: igikorwa cyo gutahura intwaro, ibisasu cyangwa ibindi bintu by'uburozi byakwifashishwa mu gukora igikorwa kitemewe n'amategeko;

9 º **gusuzuma umutekano**: gusuzuma ibikenewe kugira ngo umutekano ugerweho, harimo kureba y'uko byakorohereza ikorwa ry'ibintu bitemewe n'amategeko no gutanga ibyifuzo by'uko ibintu byakosorwa;

10 º **ibihe bidasanzwe**: igihe hari indege igize ibibazo iri mu kirere byayishyira mu kaga cyangwa mu gihe cy'intambara n'ibiza;

11 º **ibikoresho n'amafunguro bitizewe**: ibyo kurya n'ibyo kunywa n'ibindi bikoresho biri mu bubiko bitakorewe isuzuma ry'umutekano;

amended, approved and published by decision of the Council of the International Civil Aviation Organization;

6º **aircraft catering supplies**: food and beverages used in air transport;

7º **Convention on International Civil Aviation**: Convention on International Civil Aviation signed at Chicago on 7 December 1944 as ratified by the Law of 30/04/1947 and its Protocols as approved by the Decree-law of 07/04/1976 ;

8º **screening**: an act intended to identify or detect weapons, explosives or other dangerous devices which may be used to commit an unlawful act;

9º **security survey**: an evaluation of security needs, including the identification of vulnerabilities which could be exploited to carry out unlawful acts and recommendations for possible remedies;

10º **emergency situation**: an aircraft in a state of emergency or in a situation of war or natural disaster;

11º **unsafe implements and food**: food and other supplies that have not been subjected to appropriate security controls;

telle que amendée, approuvée et publiée par décision du Conseil de l'Organisation de l'Aviation Civile Internationale;

6 º **fournitures de restauration aérienne:** les aliments et boissons, utilisés dans le transport aérien;

7 º **Convention relative à l'Aviation Civile Internationale:** Convention relative à l'Aviation Civile Internationale signée à Chicago le 07 décembre 1944 telle que ratifiée par la Loi du 30/04/1947 ainsi que ses Protocoles approuvés par le décret-loi du 07/04/1976 ;

8 º **inspection :** opération visant à identifier ou à détecter les armes, les explosifs ou tout objet dangereux pouvant servir à commettre un acte illicite ;

9 º **enquête de sûreté:** l'évaluation des besoins en matière de sûreté incluant le recensement des points vulnérables pouvant être exploités pour perpétrer un acte d'intervention illicite, et recommandation de mesures correctrices;

10 º **situation d'urgence:** un aéronef en état d'urgence ou dans une situation de guerre ou de catastrophe naturelle ;

11 º **outils et fournitures alimentaires inconnus**: les fournitures alimentaires et outils qui n'ont pas fait l'objet de contrôles de sûreté appropriés;

12 º **ibikorwa rusange by'indege za gisivili**: indi mikoreshereze y'indege bitari ubucuruzi cyangwa se akazi ko mu kirere;

13 º **ibintu bitemewe**: ibyakoreshwa mu guhungabanya umutekano w'ibijyanye n'iby'indege;

14 º **iby'indege za gisivili:**

a. abantu n'ibintu biri mu ndege;

b. akazi k'indege mu kirere;

c. ibikorwa rusange bijyanye n'iby'indege za gisivili.

15 º **igenzura ry'umutekano**: igenzura rigamije kureba ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu y'umutekano w'iby'indege za gisivili;

16 º **igerageza ry'umutekano**: igerageza rikozwe mu ibanga cyangwa rikozwe ku mugaragaro, ry'ibikorwa by'umutekano w'iby'indege za gisivili hagamijwe kugerageza gukora igikorwa kitemewe n'amategeko;

17 º **igikorwa kinyuranyije n'amategeko**:igikorwa cyakozwe cyangwa cyageragejwe gukorwa hagamijwe guhungabanya umutekano w'indege za gisivili;

18 º **ikibuga cy'indege**: ahantu hemewe ku butaka cyangwa mu mazi, harimo inyubako, ibikorwaremezo n'ibikoresho bigenewe gukoreshwa byose cyangwa

12º **general civil aviation operations:** anyuse of an aircraft other than for commercial activities or aerial work;

13º **prohibited items** : items which can be used to jeopardize the security of civilian aircrafts;

14º **civil aviation:**

a. persons and goods in aircrafts;

b. aerial work operations;

c. general civil aviation operations.

15º **security audit**: an in-depth compliance examination of all aspects of the implementation of the National Civil Aviation Security Programme;

16º **security test**: a covert or overt trial of an aviation security measure which simulates an attempt to commit an unlawful act;

17º **unlawful act**: any act or attempted act to jeopardise the security of civil aviation;

18º **airport**: a defined area on land or water including any buildings, installations and equipment intended to be used either wholly or in

12 º **activités générales de l'aviationcivile**:un vol autre qu'un vol de transport à caractère commercial ou de travail aérien;

13 º **articles interdits**: les articles susceptibles d'être utilisés pour compromettre la sûreté de l'aviation civile;

14 º **aviation civile:**

a. les personnes et les biens à bord de l'aéronef ;

b. les activités de travail aérien;

c. les activités générales de l'aviation civile.

15 º **audit de sûreté**: un examen de la mise en œuvre du Programme national de sûreté de l'aviation civile;

16 º **test de sûreté:** une mise à l'épreuve secrète ou ouverte d'une mesure de sûreté de l'aviation par la simulation d'une tentative de perpétration d'un acte d'intervention illicite;

17 º **acte illicite:** tout acte ou une tentative visant à compromettre la sûreté de l'aviation civile ;

18 º **aéroport**: surface définie sur terre ou sur l'eau comprenant les bâtiments, les installations et équipement destinés à être utilisés en entier ou en

igice cyabyo mu gihe indege yururuka, ihaguruka no mu gihe indege irimo kugendera hasi;

19 º **Ikigo**: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe iby'indege za gisivili;

20 º **imbere mu kibuga**: aho indege zigenda cyangwa zihagarara ku kibuga, ibice bibangikanye na ho, inyubako n'ibice byazo birinzwe;

21 º **imizigo itazwi**: imitwaro iri ku kibuga cy'indege ifite cyangwa idafite ikimenyetso kiyiranga, itanagaragaza nyirayo, ntihagire uyitwara;

22 º **imizigo**: ibintu bitwarwa n'indege bitarimo amabaruwa, imitwaro yo mu ntoki cyangwa imitwaro idahambiriye;

23 º **indege ya gisivili:** indege itari iya Leta ikora imirimo y'ubwikorezi bwo mu kirere;

24 º **indege**: imashini yose ishobora gutembera mu kirere igahangana n'ingufu z'umwuka bitari ingufu umwuka wo mu kirere ugira ku isi;

25 º **isuzuma ry'umutekano**: igenzura ry'ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu y'umutekano w'iby'indege za gisivili n'ibibuga by'indege, amasosiyete y'indege n'inzego zindi zirebwa n'ibyerekeye umutekano w'iby'indege za gisivili;

part for the arrival, departure and surface movement of an aircraft;

19º **Authority**: Rwanda Civil Aviation Authority;

20º **airside**: the area for movement and stopping of aircrafts at the airport and the adjacent terrain, buildings and other areas under the airport operator's control;

21º **unidentified baggage**: baggage at an airport, with or without a baggage tag, which is not picked up by or identified with a passenger;

22º **cargo:** any property carried on an aircraft except mail, hand luggage or unpackaged baggage;

23º **civil aircrafts**: non-State aircraft that is engaged in commercial operations;

24º **aircraft**: any civil machine that is able to fly by deriving support in the atmosphere from the reactions of the air other than the reactions of the air against the earth's surface;

25º **security inspection**: an examination of the implementation of the National Civil Aviation Security Programme by an airport, airline or other entity involved in civil aviation security matters;

partie pour l'arrivée, le départ et les mouvements de surface d'un aéronef;

19 º **Office:** Office Rwandais de l'Aviation Civile;

20 º **côté piste:** l'aire de mouvement d'un aéroport, la totalité ou une partie des terrains et bâtiments adjacents dont l'accès est réglementé par l'exploitant aéroportuaire;

21 º **bagage non identifié:** un bagage se trouvant dans un aéroport, avec ou sans étiquette d'enregistrement et qui n'est pas retiré par un passager ni attribuable à un passager ;

22 º **fret:** les biens à l'exception du courrier, des bagages à main ou non emballés transportés à bord d'un aéronef;

23 º **aéronefs civils:** aéronef privé affecté au transport commercial ;

24 º **aéronef:** tout appareil civil qui peut se soutenir dans l'atmosphère grâce à des réactions de l'air autres que les réactions de l'air sur la surface de la terre;

25 º **inspection de sûreté**: l'examen de la mise en œuvre du Programme National de Sûreté de l'Aviation civile par les aéroports, compagnies aériennes et autres entités impliquées dans la sûreté de l'aviation civile;

26 º **kubahiriza umutekano**: igikorwa cyo gukumira iyinjizwa mu ndege cyangwa ku kibuga cy'indege intwaro, ibisasu n'ibindi bintu by'uburozi bishobora gukoreshwa mu bikorwa bitemewe n'amategeko;

27 º **kugenzura umwirondoro**: gusuzuma no gusesengura amateka y'imibereho y'umuntu, uburambe afite mu kazi, amateka ye mu byerekeye ubudakemwa mu mico no mu myifatire hagamijwe gusuzuma ko ashoboye gushyira mu bikorwa igenzura ry'umutekano cyangwa kuba yagera ahantu habujijwe kwinjirwa adaherekejwe;

28 º **kwemeza ubushobozi:** gusuzuma no kwemeza bikozwe n'Ikigo cyangwa mu izina ry'Ikigo, ko umuntu afite ubushobozi bwa ngombwa bwatuma yuzuza inshingano ze hakurikijwe amabwiriza y'Ikigo;

29 º **Minisitiri:** Minisitiri ufite iby'indege za gisivili mu nshingano ze;

30 º **nyir'ibikorwa**: ubuyobozi bw'ikibuga cy'indege, ukoresha indege, ibigo bigenzurwa n'Ikigo n'abatanga amafunguro yo mu ndege;

31 º **serivisi zifasha indege mu kirere**:

a. serivisi iyobora indege mu kirere;

26º **security control**: measures to prevent the introduction of weapons, explosives or other dangerous devices, articles or substances which may be used to commit unlawful acts;

27º **background check:** a check of a person's identity, previous experience and personal history as part of an assessment of the person's good conduct, with the intention of assessing the person's suitability to be employed in security services or to be allowed unescorted access to a security restricted area;

28º **certification**: a formal evaluation and confirmation by or on behalf of the Authority that a person possesses the necessary competencies to perform assigned functions to an acceptable level in respect of the instructions of the Authority;

29º **Minister**: Minister in charge of civil aviation;

30º **operator:** airport authorities, aircraft operator, agencies under the supervision of the Authority and those who provide catering services in aircrafts;

31º **air navigation services:**

a. air traffic services;

26 º **contrôle de sûreté :** les mesures permettant d'empêcher l'introduction d'armes, d'explosifs ou d'autres outils ou substances dangereux pouvant servir à commettre des actes illicites ;

27 º **vérification des antécédents**: la vérification de l'identité d'une personne et de ses états de service, y compris les informations relatives à sa bonne conduite, vie et mœurs dans le but de s'assurer que cette dernière est habilitée à conduire un contrôle de sûreté ou à pénétrer sans escorte dans des zones de sûreté à accès réglementé ;

28 º **certification**: l'évaluation et la confirmation formelles, par lesquelles ou au nom de l'Office, qu'une personne possède les compétences nécessaires pour remplir ses fonctions conformément aux instructions de l'Office;

29 º **Ministre**: Ministre ayant l'aviation civile dans ses attributions;

30 º **exploitant**: l'administration aéroportuaire, l'exploitant d'aéronef, les établissements sous la supervision de l'Autorité et les opérateurs de restauration en vol;

31 º **services de navigation aérienne:**

a. services de la circulation aérienne;

b. itumanaho rikorerwa ku butaka no mu kirere, rigenewe kubungabunga umutekano w'indege;

c. serivisi itanga amakuru mu by'indege;

d. serivisi y'iteganyagihe mu kubungabunga umutekano w'indege mu kirere;

e. serivisi ishyiraho inzira zo mu kirere;

f. serivisi zishinzwe iby'amakarita yifashishwa mu kuyobora indege;

g. serivisi zo gushakisha n'iz'ubutabazi.

32 ° **ububiko buzwi**: ahabikwa amafunguro yo mu ndege n'aho agenewe gusakirwa;

33 ° **ubucuruzi bwo gutwara abantu n'ibintu mu ndege:** gutwara abagenzi, imizigo cyangwa amabaruwa mu ndege wishyuwe ikiguzi cya serivisi watanze;

34 ° **umugenzi udasanzwe**: umuntu ukoresha ingendo z'indege akurikiranyweho icyaha n'inzego z'ubutabera cyangwa iz'ubuyobozi;

35 ° **umugenzuzi w'umutekano w'iby'indege za gisivili**: umukozi w'Ikigo, cyangwa undi wese wabiherewe ububasha n'Ikigo ugenzura uko umutekano w'iby'indege za gisivili wubahirizwa;

b. aeronautical telecommunications;

c. aeronautical information services;

d. meteorological service for air navigation;

e. instrument flight procedure design service;

f. aeronautical cartographic services;

g. search and rescue services.

32º **known stores**: where catering supplies are kept in an aircraft and where they are subjected to appropriate security controls;

33º **commercial air transport operation**: air transport of passengers, cargo or mail for remuneration or hire;

34º **escorted passenger**: any traveller who is under the supervision of the prosecution or administrative authorities;

35º **civil aviation security inspector**: any other employee of the Authority or authorized person to ensure the oversight and the enforcement of the implementation of civil aviation security;

